# *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

## A. *Amategeko/Laws/Lois*

**N°03/2012 ryo kuwa 15/02/2012**
Itegeko rigena imikoreshereze y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda..........................................................................................................................2
**N°03/2012 of 15/02/2012**
Law governing narcotic drugs, psychotropic substances and precursors in Rwanda…………2
**N°03/2012 du 15/02/2012**
Loi portant réglementation des stupéfiants, substances psychotropes et précurseurs au Rwanda…………………………………………………………………………………...2

**N°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012**
Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta………..31
**N°04/2012 of 17/02/2012**
Law governing the organisation and the functioning of national non-governmental organizations………………………………………………………………………………31
**N°04/2012 du 17/02/2012**
Loi portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales……………………………………………………………………………….31

**N°05/2012 ryo kuwa 17/02/2012**
Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango mvamahanga itari iya Leta…….61
**Nº05/2012 of 17/02/2012**
Law governing the organisation and functioning of international non governmental organizations………………………………………………………………………………61
**Nº05/2012 du 17/02/2012**
Loi régissant l'organisation et le fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales…………………………………………………………………………61

**N°06/2012 ryo kuwa 17/02/2012**
Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini........................84
**N°06/2012 of 17/02/2012**
Law determining organisation and functioning of religious-based organisations..................84
**N°06/2012 du 17/02/2012**
Loi portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion……...84

**ITEGEKO N°03/2012 RYO KUWA 15/02/2012 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'IBIYOBYABWENGE N'URUSOBE RW'IMITI IKORESHWA NKA BYO MU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ibyiciro by'ibiyobyabwenge**

**Ingingo ya 4: Iyandikwa, ihindurwa n'ikurwa ku mbonerahamwe**

**Ingingo ya 5: Itegurwa**

**UMUTWE WA II: IBIYOBYABWENGE N'URUSOBE RW'IMITI IKORESHWA NKABYO BYEMEWE N'AMATEGEKO**

**Ingingo ya 6: Ibibujijwe**

**Ingingo ya 7: Uburenganzira**

**Ingingo ya 8: Gukora ibiyobyabwenge cyangwa indi miti ikoreshwa nka byo**

**Ingingo ya 9: Abemerewe gukwirakwiza**

**LAW N°03/2012 OF 15/02/2012 GOVERNING NARCOTIC DRUGS, PSYCHOTROPIC SUBSTANCES AND PRECURSORS IN RWANDA**

**TABLES OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Classification of narcotic drugs**

**Article 4: Registration, modification and radiation from tables**

**Article 5: Preparation**

**CHAPTER II: LICIT NARCOTIC DRUGS AND PSYCHOTROPIC SUBSTANCES**

**Article 6: Prohibition**

**Article 7: Authorization**

**Article 8: Production of narcotic drugs and psychotropic substances**

**Article 9: People authorized to distribute**

**LOI N° 03/2012 DU 15/02/2012 PORTANT REGLEMENTATION DES STUPEFIANTS, SUBSTANCES PSYCHOTROPES ET PRECURSEURS AU RWANDA**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Classification des stupéfiants**

**Article 4: Inscription, modification et radiation des tableaux**

**Article 5 : Préparation**

**CHAPITRE II: STUPEFIANTS ET SUBSTANCES PSYCHOTROPES LICITES**

**Article 6: Prohibition**

**Article 7: Autorisation**

**Article 8: Production des stupéfiants et des substances psychotropes**

**Article 9: Personnes autorisées à distribuer**

| | | |
|---|---|---|
| **ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo** | **narcotic drugs and psychotropic substances** | **les stupéfiants et les substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 10: Icyemezo gitangwa n'ubuyobozi** | **Article 10: Official certificate** | **Article 10: Certificat officiel** |
| **Ingingo ya 11: Inyandiko z'ubucuruzi** | **Article 11: Commercial documents** | **Article 11: Documents commerciaux** |
| **Ingingo ya 12: Ibiro bya gasutamo bishinzwe ibicuruzwa byinjira mu gihugu** | **Article 12: Customs offices of entry** | **Article 12: Bureaux de douane d'entrée** |
| **Ingingo ya 13: Gutumiza no kohereza mu mahanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo** | **Article 13: Import and export of narcotic drugs and psychotropic substances** | **Article 13: Importation et exportation des stupéfiants et des substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 14: Kunyuzwa mu gihugu** | **Article 14: Transit** | **Article 14: Transit** |
| **Ingingo ya 15: Abikorezi b'ibicuruzwa** | **Article 15: Commercial transporters** | **Article 15: Transporteurs commerciaux** |
| **Ingingo ya 16: Kugura** | **Article 16: Purchase** | **Article 16: Achat** |
| **Ingingo ya 17 : Abafite uburenganzira bwo kwemeza gutanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo** | **Article 17: People authorised to prescribe narcotic drugs and psychotropic substances** | **Article 17: Personnes autorisées à prescrire les stupéfiants et les substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 18: Gutegura no gutanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo** | **Article 18: Preparation and distribution of narcotic drugs and psychotropic substances** | **Article 18: Préparation et distribution des stupéfiants et des substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 19 : Ibikwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo** | **Article 19: Conservation of narcotic drugs and psychotropic substances** | **Article 19: Conservation des stupéfiants et des substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 20 : Ifunikwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo** | **Article 20: Packaging of narcotic drugs and psychotropic substances** | **Article 20: Conditionnement des stupéfiants et des substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 21: Iyamamazwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo** | **Article 21: Advertisement of narcotic drugs and psychotropic substances** | **Article 21: Publicité des stupéfiants et des substances psychotropes** |
| **Ingingo ya 22: Isenywa ry'ibiyobyabwenge n'indi** | **Article 22: Destruction of narcotic drugs and** | **Article 22: Destruction des stupéfiants et des** |

| | | |
|---|---|---|
| miti ikoreshwa nka byo | psychotropic substances | substances psychotropes |
| **UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 23: Raporo** | **Article 23: Report** | **Article 23: Rapport** |
| **Ingingo ya 24: Ikumirwa ry'ibinyobwa bitemewe** | **Article 24: Prohibition of unauthorized drinks** | **Article 24: Interdiction des boissons non autorisées** |
| **Ingingo ya 25: Ibindi bifatwa nk'ibiyobyabwenge** | **Article 25 : Other substances considered as narcotic drugs** | **Article 25 : Autres substances considérées comme stupéfiants** |
| **Ingingo ya 26: Ibihano** | **Article 26: Penalties** | **Article 26: Peines** |
| **Ingingo ya 27: Komite ihuriweho na za Minisiteri** | **Article 27: Inter-Ministerial Committee** | **Article 27: Comité interministériel** |
| **Ingingo ya 28: Igihe cy'inzibacyuho** | **Article 28: Transitional period** | **Article 28 : Période transitoire** |
| **Ingingo ya 29: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 29: Drafting, consideration and adoption of this law** | **Article 29: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 30: Repealing provision** | **Article 30: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 31: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 31: Commencement** | **Article 31: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°03/2012 RYO KUWA 15/02/2012 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'IBIYOBYABWENGE N'URUSOBE RW'IMITI IKORESHWA NKA BYO MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 10 Ugushyingo 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 41, iya 62, iya 66**,** iya 67**,** iya 90**,** iya 92, iya 93, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku masezerano ku biyobyabwenge ya New York yo kuwa 30 Werurwe 1961, yahinduwe n'umugereka wo kuwa 25 Werurwe 1972, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 172/14 ryo kuwa 16/04/1981;

**LAW N°03/2012 OF 15/02/2012 GOVERNING NARCOTIC DRUGS, PSYCHOTROPIC SUBSTANCES AND PRECURSORS IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic ;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 10 November 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Pursuant to the New York Single Convention on narcotic drugs of 30 March 1961, as amended by the Protocol of 25 March 1972 and ratified by the Presidential Order n° 172/14 of 16/04/1981;

**LOI N°03/2012 DU 15/02/2012 PORTANT REGLEMENTATION DES STUPEFIANTS, SUBSTANCES PSYCHOTROPES ET PRECURSEURS AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 10 novembre 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 et 201;

Vu la Convention unique de New York sur les stupéfiants du 30 mars 1961, amendée par le protocole du 25 mars 1972 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 172/14 du 16/04/1981;

Ishingiye ku masezerano y'i Vienne yo kuwa 21 Gashyantare 1971, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 172/14 ryo kuwa 16/04/1981;

Ishingiye ku masezerano y'Umuryango w'Abibumbye arwanya ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo yo kuwa 19/12/1988, cyane cyane mu ngingo zayo iya 3, iya 4, iya 5, iya 6 n' iya 12, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 47/01 ryo kuwa 14/04/2002;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 57/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'inkiko, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 271, iya 272, iya 273, iya 274, iya 275, iya 276 n'iya 277;

Ishingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02/07/1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti cyane cyane mu ngingo zaryo guhera iya 65 niya 74;

Ishingiye ku Itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 rigena imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

Pursuant to the Vienna Convention on psychotropic substances, of 21 February 1971 as ratified by the Presidential Order n° 172/14 of 16/04/1981;

Pursuant to United Nations convention against the illicit trafficking of drugs and psychotropic substances of 19/12/1988 especially in Articles 3, 4, 5, 6 and 12 as ratified by the Presidential Order n° 47/01 of 14/04/2002;

Pursuant to the Organic Law n° 57/2008 of 09/09/2008 governing code of organisation, functioning and judicial competence, as modified and complemented to date;

Pursuant to Decree-Law n° 21/77 of 18/08/1977 establishing the Penal Code as modified and complemented to date, especially in Articles 271, 272, 273, 274, 275, 276 and 277;

Pursuant to the Law n° 12/99 of 02/07/1999 relating to the pharmaceutical art especially in its Articles 65 and 74;

Pursuant to Law n° 13/2004 of 17/05/ 2004 relating to the Code of Criminal Procedure, as modified and complemented to date;

**ADOPTS:**

Vu la Convention de Vienne sur les substances psychotropes du 21 février 1971 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 172/14 du 16/04/1981;

Vu la Convention des Nations Unies contre le trafic illicite de stupéfiants et de substances psychotropes du 19/12/1988 spécialement en ses articles 3, 4, 5, 6 et 12 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 47/01 du 14/04/2002;

Vu la Loi Organique n° 57/2008 du 09/09/2008 portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires, telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18/08/1977 instituant le Code Pénal tel que modifié et complété à ce jour, spécialement en ses articles 271, 272, 273, 274, 275, 276 et 277;

Vu la Loi n° 12/99 du 02/07/1999 relative à l'art pharmaceutique spécialement en ses articles 65 et 74;

Vu la Loi n° 13/2004 du 17/05/2004 portant code de procédure pénale, telle que modifiée et complétée à ce jour;

**ADOPTE:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena ibijyanye no gukora, gutunganya, gukwirakwiza, no gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda.

### Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura:

1º **Gukwirakwiza ibiyobyabwenge: i**bikorwa byose bijyanye no gutumiza no kohereza ibiyobyabwenge mu mahanga, ubwikorezi, kunyuza ku butaka bw'igihugu, kubyakira, kubitanga, kubitangaho impano, gukoresha ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo;

2º **Ibyifashishwa mu ikora ry'ibiyobyabwenge:** ibintu bikunze gukoreshwa mu ikorwa ry'ibiyobyabwenge ritemewe n'amategeko n'indi miti ikora nka byo igaragara kuri rumwe mu ntonde zemejwe n'amasezerano y'i Vienne yo mu 1988;

3º **Icyemezo cy'ubuyobozi:** inyandiko yatanzwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze yemera ugusohoka, ukwinjira n'ukunyuza ku butaka bw'igihugu kw'ibiyobyabwenge

## CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

### Article One: Purpose of this Law

This Law regulates the production, processing, distribution and use of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors in Rwanda.

### Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall be defined as follows:

1º **Distribution of narcotic drugs:** all activities related to importation, exportation, transport, transit, acquisition, detention, offer, disposal as donation, use on the national territory the narcotic drugs and psychotropic substances;

2º **Precursors:** chemicals frequently utilised in the illegal manufacture of narcotic drugs and psychotropic substances appearing on one of the Tables of the 1988 Vienna Convention;

3º **Official certificate:** document issued by the Minister in charge of health authorising importation, exportation and transit on the national territory of narcotic

## CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

### Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi réglemente la production, la distribution et l'usage des stupéfiants, substances psychotropes et précurseurs au Rwanda.

### Article 2: Définitions des termes

Au sens de la présente loi, les termes ci-après sont définis comme suit:

1º **Distribution des stupéfiants:** toutes les activités liées à l'importation, à l'exportation, au transport, au transit, à l'acquisition, à la détention, l'offre, la cession à titre de don, l'emploi sur le territoire national des stupéfiants et des substances psychotropes;

2º **Précurseurs:** substances fréquemment utilisées dans la fabrication illicite de stupéfiants et de substances psychotropes et figurant à l'un des Tableaux de la Convention de Vienne de 1988;

3º **Certificat officiel:** document délivré par le Ministre ayant la santé dans ses attributions autorisant l'importation, l'exportation et le transit sur le

n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo cyitwa «icyemezo»;

4º **Igenzura ry'ibiyobyabwenge:** ibikorwa bigamije gukumira ikorwa, ikwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo, bigakoreshwa gusa nk'imiti yo mu buvuzi no mu bushakashatsi;

5º **Ikiyobyabwenge:** ikintu cyose gihindura imitekerereze n'imyitwarire bikagira ingaruka ku buzima bw'umuntu, cyaba kinyowe, gihumetswe cyangwa gitewe mu rushinge, n'ubundi buryo bwose cyafatwamo;

6º **Ikoresha nabi n'ikoresha ritemewe ry'ibiyobyabwenge:** ikoresha ry'ibiyobyabwenge bitemewe cyangwa ibikumiriwe bitategetswe na muganga;

7º **Ikoresha ry'ibiyobyabwenge:** ukwandikira umuntu ibiyobyabwenge cyangwa imiti ikoreshwa nka byo, kubimuha, kubyamamaza, kubifunika, kubishyiraho ikirango, kubihindagura ubikoresha, kubitanga, kubyakira, kubihunika, kubibarura, kubisenya;

8º **Ikorwa ry'umuti:** imirimo yose ijyanye n'ihingwa, ikorwa n'itegurwa ry'imiti y'ibiyobyabwenge n'indi miti yose ikora nka

drugs and psychotropic substances, hereby referred to as "Certificate";

4º **Narcotic drugs control:** activities aimed at limiting production, distribution and use of narcotic drugs and psychotropic substances for solely medical and scientific purposes;

5º **Narcotic drug:** chemical substance that affects the processes of the mind or body and whose consumption whether swallowed, sniffed or by way of any other mode exerts impact on human health;

6º **Narcotic drugs abuse and illicit use:** use of prohibited or controlled narcotic drugs without medical prescription;

7º **Use of narcotic drugs:** prescription, dispensation, advertisement, packing, labelling, manipulation, delivery, detention, conservation, inventory, destruction of narcotic drugs or psychotropic substances;

8º **Production:** all activities related to the growing, manufacture and preparation of narcotic drugs and psychotropic

territoire national des stupéfiants et substances psychotropes, ci-après dénommée «Certificat»;

4º **Contrôle de stupéfiants:** activités visant à limiter la production, la distribution et l'usage des stupéfiants et des substances psychotropes uniquement à des fins médicales et scientifiques;

5º **Stupéfiant:** substance chimique susceptible de causer des perturbations physiques ou mentales et dont la consommation soit par la bouche, aspiration, injection ou toute autre voie présente des conséquences sur la santé humaine;

6º **Abus et usage illicite des stupéfiants:** usage des stupéfiants prohibés ou placés sous contrôle sans prescription médicale;

7º **Usage des stupéfiants:** prescription, distribution, publicité, conditionnement, étiquetage, manipulation, délivrance, détention, conservation, inventaire, destruction des stupéfiants ou substances psychotropes;

8º **Production:** activités liées à la culture, la fabrication et la préparation des stupéfiants et des substances

byo bikorewe ku butaka bw'igihugu;

9º **Itambutswa ry'ibiyobyabwenge:** ugucisha ku butaka bw'igihugu n'ihunikwa by'igihe gito mbere yo koherezwa mu mahanga kw'ibiyobyabwenge cyangwa indi miti ikoreshwa nka byo;

10º **Kohereza ibiyobyabwenge mu mahanga:** ugusohora ku buryo bwemewe n'amategeko uvana ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo byoherejwe n'umuntu ku giti cy**e** cyangwa ishyirahamwe ry'abantu bari mu gihugu yitwa "Uwohereza ibicuruzwa mu mahanga";

11º **Kwinjiza ibiyobyabwenge mu gihugu:** ukwinjiza ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo mu buryo bwemewe n'amategeko bizanywe n'umuntu ku giti cye, Leta cyangwa ishyirahamwe ry'abantu bakorera mu gihugu, yitwa «Utumiza ibicuruzwa mu gihugu»;

12º **Ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge butemewe n'amategeko:** ihingwa n'ibindi bikorwa byose bitemewe bijyanye n' ibimera cyangwa uruvange rw'imiti yemejwe ko igenzurwa;

13º **Umuti:** ikintu cyose giteguwe cyangwa gikozwe mu buryo kigaragaza ubushobozi bwo kurinda, kuvura indwara z'abantu cyangwa z'inyamaswa, kimwe n'ikindi cyose cyakorewe guhabwa umuntu cyangwa itungo

substances on the national territory;

9º **Transit:** movement through the national territory and a temporary stock before re-exportation of narcotic drugs and psychotropic substances;

10º **Exportation of narcotic drugs**: legal exit from the national territory the narcotic drugs or psychotropic substances by a natural person or an organisation established in the country, referred to as "exporter";

11º **Importation of narcotic drugs:** legal entry on the national territory of the narcotic drugs or psychotropic substances by a natural person, Government or organisation established in the country, referred to as "importer";

12º **Illicit trafficking of narcotic drugs**: growing and any other illegal activity on plants or any controlled substances;

13º **Medicine**: any chemical, preparation or composition possessing preventive or curative properties in regards to human or animal illnesses as well as any product intended to be administered to a human or

psychotropes sur le territoire national;

9º **Transit:** passage sur le territoire national ainsi que le dépôt temporaire avant réexportation des stupéfiants ou des substances psychotropes;

10º **Exportation des stupéfiants:** sortie licite du territoire national des stupéfiants ou substances psychotropes par une personne physique ou une association des personnes établie dans le pays, ci-après dénommée "exportateur";

11º **Importation des stupéfiants**: introduction licite sur le territoire national des stupéfiants ou substances psychotropes par une personne physique, le Gouvernement ou une association des personnes établie dans le pays, ci-après dénommée « importateur »;

12º **Trafic illicite des stupéfiants:** la culture et toutes les autres activités illégales portant sur des plantes ou les substances placées sous contrôle;

13º **Médicament**: toute substance, préparation ou composition présentée comme possédant des propriétés préventives ou curatives à l'égard des maladies humaines ou animales ainsi

hagamijwe gusuzuma, kugarurira ubuzima, gukosora cyangwa guhindura imikorere y'ingingo z'umubiri cyangwa ibice byawo;

14º **Umuti ugenzurwa:** ikiyobyabwenge gikoreshwa nk'umuti n'ibyifashishwa mu gukora imiti mu butabire byemejwe n'iri tegeko bigenzurwa ku butaka bw'igihugu;

15º **Umuti utunganyirijwe muri farumasi:** umuti wateguriwe muri farumasi n'umuhanga mu by'imiti wabyemerewe cyangwa imiti yihariye yateguriwe mu ruganda rw'imiti byitwa "Itegurwa";

16º **Urusobe rw'imiti ikoreshwa nk'ibiyobyabwenge:** ikintu cyose cyaba cyarakorewe mu ruganda cyangwa ikitarakorewe mu ruganda kigaragara kuri rumwe mu ntonde zemejwe n'Amasezerano y'i Vienne yo kuwa 21 Gashyantare 1971.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibyiciro by'ibiyobyabwenge**

Ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo bivugwa muri iri tegeko bishyizwe mu byiciro bitatu (3), icya I, icya II, n'icya III hakurikijwe ibyemezo by'igenzura byabifatiwe mu masezerano ku biyobyabwenge ya New York yo kuwa 30 Werurwe

animal so as to establish a medical diagnosis, restore, correct or modify their organic or physical functions;

14º **Controlled substance**: a narcotic drug used as a medicine and precursors put under control on the national territory in accordance with this law;

15º **Pharmaceutical preparation**: medicine made in a pharmacy by a pharmacist authorised to do so, or a pharmaceutical specialities made in a pharmaceutical industry referred to as "Preparation";

16º **Psychotropic substances**: any chemical be it natural or of synthetic origin appearing on one of the tables of the Vienna Convention on psychotropic substances, of 21 February 1971.

**<u>Article 3</u>: Classification of narcotic drugs**

The narcotic drugs and psychotropic substances referred to in this law shall be classified in three (3) categories: I, II and III following the control measures to which they are subjected in the New York single Convention on narcotic drugs of 30

que tout produit destiné à être administré à une personne ou à un animal en vue d'établir un diagnostic médical, restaurer, corriger ou modifier leurs fonctions organiques ou physiques;

14º **Substance placée sous contrôle:** stupéfiant utilisé comme médicament et les précurseurs soumis à un contrôle sur le territoire national en vertu de la présente loi;

15º **Préparation pharmaceutique**: médicaments fabriqués dans une pharmacie par un pharmacien autorisé ou les spécialités pharmaceutiques fabriquées dans l'industrie pharmaceutique ci-après dénommée « Préparation » ;

16º **Substance psychotrope**: toute substance qu'elle soit d'origine naturelle ou synthétique figurant sur l'un des Tableaux de la Convention de Vienne sur les substances psychotropes du 21 février 1971.

**<u>Article 3</u>: Classification des stupéfiants**

Les stupéfiants et les substances psychotropes visés par la présente loi sont classés dans trois catégories : I, II et III suivant les mesures de contrôle auxquelles elles sont soumises dans la convention unique de New York sur les

1961, yahinduwe n'umugereka wo kuwa 25 Werurwe 1972 n'Amasezerano y'i Vienne yo kuwa 21 Gashyantare 1971 ku rusobe rw'imiti ikoreshwa nk'ibiyobyabwenge. Ibyo byiciro n'ibi bikurikira:

**1⁰ Icyiciro cya I: Ibiyobyabwenge**

**a.Imbonerahamwe ya I:** ikubiyemo uruvange rw'imiti itera akamenyero gakabije ko kuyifata bivamo kurenza urugero no kuba imbata y'ibiyobyabwenge.

**b.Imbonerahamwe ya II:** ikubiyemo urusobe rw'imiti ifite ubukana buke n'ingaruka zidakabije nk'izo mu mbonerahamwe ya mbere.

**c.Imbonerahamwe ya III:** ikubiyemo imiti ikozwe mu biyobyabwenge byagenewe gukoreshwa mu buvuzi bwemewe n'amategeko kandi ikozwe ku buryo itakekwaho kugira ingaruka, ikaba itakurwamo ikiyobyabwenge ku buryo bworoshye.

**d.Imbonerahamwe ya IV:** ikubiyemo bimwe mu biyobyabwenge byarondowe mu mbonerahamwe ya mbere bifatwa nk'ibigira ingaruka by'umwihariko bitewe n'ibyo bikozwemo n'uko byakoreshejwe.

**2⁰ Icyiciro cya II: Urusobe rw'imiti ikoreshwa nk'ibiyobyabwenge**

**a.Imbonerahamwe ya I:** ikubiyemo imiti ibujijwe kuko nta kamaro ifitiye umwuga w'ubuvuzi.

March 1961, as amended by the Protocol of 25 March 1972 and the Vienna Convention on psychotropic substances of 21 February 1971. These categories are as follows:

**1⁰ Category I: Narcotic Drugs**

**a. Table I:** includes the chemicals that result into a heavy addiction and lead to abuse.

**b. Table II:** includes chemicals that cause less addiction and result into less abuse than that of table I.

**c. Table III:** includes the preparation containing narcotics made for medical legitimate purposes and composed in such a manner that they are less susceptible to be an object of abuse and cannot easily produce a narcotic drug.

**d.Table IV:** includes certain narcotic drugs named in table I that are considered as particularly harmful due to their properties and their use.

**2⁰ Category II: Psychotropic substances**

**a.Table I:** includes prohibited chemicals that are of no medical interest.

stupéfiants du 30 mars1961, amendée par le Protocole du 25 mars 1972 et la Convention de Vienne sur les substances psychotropes du 21 février 1971. Ces catégories sont les suivantes :

**1⁰ Catégorie I: Stupéfiants**

**a. Tableau I:** comprend les substances qui provoquent une forte dépendance et donne lieu à des abus.

**b.Tableau II :** comprend les substances qui provoquent moins de dépendance et donnent lieu à moins d'abus que celles du tableau I.

**c.Tableau III:** comprend les préparations contenant des stupéfiants fabriquées à des fins médicales légitimes et composées de telle manière qu'elles sont peu susceptibles de faire l'objet d'abus et ne peut pas facilement produire un stupéfiant.

**d.Tableau IV :** comprend certains stupéfiants énumérés dans le tableau I qui sont considérées comme particulièrement nocifs en raison de leurs propriétés et de leur usage.

**2⁰ Catégorie II: Substances psychotropes**

**a.Tableau I:** comprend les substances prohibées dépourvues d'intérêt en médecine.

**b.Imbonerahamwe ya II:** ikubiyemo urusobe rw'imiti ifitiye ubuvuzi akamaro igenzurwa bikomeye.

**c.Imbonerahamwe ya III:** ikubiyemo urusobe rw' imiti ifitiye ubuvuzi akamaro ariko igenzurwa ku buryo busanzwe.

**d.Imbonerahamwe ya IV:** ikubiyemo bimwe mu biyobyabwenge byarondowe mu rutonde rwa mbere bifatwa nk'ibigira ingaruka by'umwihariko bitewe n'ibyo bikozwemo n'uko byakoreshejwe.

**$3^0$ Icyiciro cya III : Ibyifashishwa mu gukora imiti**

Ibyifashishwa mu gukora imiti byanditswe ku mbonerahamwe ya I n'iya II hakurikijwe ibipimo byagenwe n'Amasezerano y'i Vienne yo mu 1988. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze riteganya ibikubiye muri izo mbonerahamwe.

**Ingingo ya 4: Iyandikwa, ihindurwa n'ikurwa ku mbonerahamwe**

Imbonerahamwe zakozwe zihindurwa n'iyandikwa rishya, iyimurwa, n'ikura ku mbonerahamwe ikiyobyabwenge cyangwa imiti ikora ikiyobyabwenge bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashingiye ku byagenwe na Komisiyo y'umuryango w'Abibumbye ishinzwe iby'ibiyobyabwenge.

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ntashobora

**b.Table II:** includes chemicals that are of medical interest subjected to strictness.

**c.Table III:** includes the chemicals that are of medical interest, subjected to normal control.

**d.Table IV:** includes some of narcotic drugs named in table I that are considered as particularly harmful due to their properties and their use.

**$3^0$ Category III: Precursors**

Precursors included in table I and II according to the measures that are applicable to them by the Vienna Convention of 1988. An Order of the Minister in charge of health shall determine the content of those tables.

**Article 4: Registration, modification and radiation from tables**

The tables established and modified by a new registration, transfer and radiation from a table of a narcotic drug or a psychotropic substance shall be determined by an Order of the Minister in charge of health taking into account what was ordered by the Commission on narcotic drugs of the United Nations Organisation.

The Minister in charge of health shall not put a

**b.Tableau II:** comprend les substances présentant un intérêt en médecine, soumises à un contrôle strict.

**c.Tableau III:** comprend les substances présentant un intérêt en médecine, soumises à un contrôle ordinaire.

**d.Tableau IV:** comprend certains stupéfiants énumérés dans le tableau I qui sont considérés comme particulièrement nocifs en raison de leurs propriétés et de leur usage.

**$3^0$ Catégorie III: Précurseurs**

Les précurseurs sont inscrits dans les tableaux I et II suivant les mesures qui leur sont applicables par la Convention de Vienne de 1988. Un arrêté du Ministre ayant la Santé dans ses attributions détermine le contenu de ces tableaux.

**Article 4: Inscription, modification et radiation des tableaux**

Les tableaux établis et modifiés par une nouvelle inscription, transfert ou radiation d'un tableau d'un stupéfiant ou une substance psychotrope sont déterminés par arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions en tenant compte de ce qui a été ordonné par la Commission des stupéfiants de l'Organisation des Nations Unies.

Le Ministre ayant la santé dans ses attributions

gushyira mu byiciro urusobe rw' imiti igenzurwa kugirango ijye ku rwego ruri munsi y'urwo rugenerwa n'amasezerano ku rwego mpuzamahanga.

substance under control into a category with the purpose to include it into a table of less strict rules than that in which it was put by international conventions.

ne peut mettre en catégorie une substance placée sous contrôle dans le but de l'inclure dans un tableau soumis à un régime moins strict que celui dans lequel elle est mise par les conventions internationales.

**Ingingo ya 5: Itegurwa**

Itegurwa rifatwa nk'urusobe rw'imiti ruyikubiyemo. Iyo rigizwe n'ibiri cyangwa se irenzeho, rigengwa n'ibiteganyirijwe urusobe rw'imiti igenzurwa kurusha iyindi.

Itegurwa rigizwe n'umuti cyangwa urusobe rw' imiti ikozwe ku buryo itagize icyo itwaye na busa mu mikoreshereze yayo, hakaba nta na kimwe mu biyigize cyayikurwamo ngo gikoreshwe mu nzira zitemewe n'amategeko, ishobora gukurwa ku rutonde rw'imiti igenzurwa.

**Article 5: Preparation**

A preparation shall be subjected to the same regulations as the substances involved. If it contains two or more substances, it shall be subjected to regulations governing the substance that is most controlled.

A preparation made of one or more substances that are composed in such a manner that they are of no risk with regard to their use and where none of its components can be extracted for illicit use, can be removed from the list of controlled substances.

**Article 5 : Préparation**

Une préparation est soumise au même régime que les substances qu'elles renferment et, si elle en contient deux ou plus de substances, elle est soumise au régime de la substance la plus contrôlée.

Une préparation contenant une ou plusieurs substances qui sont composées de telle manière qu'elles ne présentent aucun risque dans son usage et dont les composantes ne peuvent pas être extraites pour une utilisation illicite, peut être rayée de la liste des substances sous contrôle.

**UMUTWE WA II: IBIYOBYABWENGE N'URUSOBE RW'IMITI IKORESHWA NKA BYO BYEMEWE N'AMATEGEKO**

**Ingingo ya 6: Ibibujijwe**

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko, birabujijwe gusarura, gukwirakwiza no gukoresha ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge n'urusobe rw' imiti ikora nkabyo.

Ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti, mu gihe

**CHAPTER II: LICIT NARCOTIC DRUGS AND PSYCHOTROPIC SUBSTANCES**

**Article 6: Prohibition**

Notwithstanding the provisions of Article 7 of this law, the production, distribution and the use on the national territory narcotic drugs and psychotropic substances are prohibited.

Narcotic drugs and psychotropic substances are

**CHAPITRE II: STUPEFIANTS ET SUBSTANCES PSYCHOTROPES LICITES**

**Article 6: Prohibition**

La production, la distribution et l'usage sur le territoire national des stupéfiants et des substances psychotropes sont prohibés sous réserve des dispositions de l'article 7 de la présente loi.

Lorsque les stupéfiants et les substances

bikoreshwa mu buvuzi bigengwa n'amabwiriza akoreshwa ku rusobe rw' imiti yagenewe gukoreshwa mu buvuzi bw'abantu no mu buvuzi bw'amatungo mu gihe ayo mabwiriza atanyuranyije n'ibikubiye muri iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Uburenganzira**

Uburenganzira bwo guhinga, gukwirakwiza no gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo butangwa gusa iyo imikoreshereze yabyo ijyanye n'ubuvuzi cyangwa ubushakashatsi.

Nyamara imikoreshereze y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikora nka byo mu nganda ifite izindi ntego zitari iz'ubuvuzi cyangwa iz'ubushakashatsi ishobora kwemerwa iyo ubisaba agaragaje ubushobozi bwo kubuza ko ibikorewe mu ruganda byashobora kwangiza, cyangwa kubyara uburozi cyangwa ko urusobe rw'imiti ibujijwe yashobora gukoreshwa n'undi ubifitiye uburenganzira.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena amabwiriza y'umutekano, ibigo n'ahandi hose hakorerwa ibikorwa n'itangwa ry'uburenganzira.

Uhawe uburenganzira yuzuza mu gitabo abika mu gihe cy'imyaka icumi igipimo
cy' ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo yinjije mu gihugu, yahawe, yakoze, yakoresheje, atunze cyangwa yangiritse.Yandika na none itariki

used for medical purpose, shall be subjected to the regulations applied to all substances intended for human and veterinary medical purposes in case these regulations are not incompatible with the provisions of this law.

**<u>Article 7</u>: Authorization**

Authorization of production, distribution and use of narcotic drugs and psychotropic substances shall be delivered if their use is limited to medical and research purposes only.

However, the industrial use of narcotic drugs and psychotropic substances for other than medical and research purposes shall be obtained if the requiring person can justify his /her capacity to put in place measures that prevent the product made to produce harmful or toxic effect and that controlled substances would be used by another authorized person.

An Order of the Minister in charge of health shall determine security requirements, institutions and other departments in charge of delivering the authorization.

The beneficiary of the authorization shall record in a register that he/she keeps for ten (10) years, the quantities of the narcotic drugs and psychotropic substances that he/she has imported, acquired, made, used, he/she retains or has

psychotropes sont utilisés à des fins médicales, elles sont soumises aux dispositions applicables aux substances destinées à la médecine humaine ou vétérinaire dans la mesure où ces dispositions ne sont pas incompatibles avec les dispositions de la présente loi.

**<u>Article 7</u>: Autorisation**

L'autorisation de production, de distribution et d'usage des stupéfiants et des substances psychotropes ne peut être délivrée que si leur utilisation est limitée à des fins médicales ou scientifiques.

Toutefois, l'usage industriel des stupéfiants et des substances psychotropes à des fins autres que médicales ou scientifiques peut être autorisé si le requérant justifie de sa capacité d'empêcher que les produits fabriqués puissent produire des effets nocifs et toxiques et que les substances sous contrôle peuvent être utilisées par une autre personne autorisée.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine les conditions de sécurité, les institutions et les autres services chargés de délivrer l'autorisation.

Le bénéficiaire de l'autorisation consigne sur un registre, qu'il conserve pendant 10 ans, les quantités des stupéfiants et des substances psychotropes qu'il a importées, acquises, fabriquées, utilisées, qu'il détient ou qu'il a

y'ibikorwa n'amazina y'ababimuhaye. Atanga buri mwaka raporo kwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze agaragaza igipimo cy'ibyakoreshejwe cyangwa ibyangiritse n'ibyo asigaranye mu bubiko.

**Ingingo ya 8: Gukora ibiyobyabwenge cyangwa indi miti ikoreshwa nka byo**

Buri kigo cyigenga cyabyemerewe cyangwa ikigo cya Leta cyatoranyijwe bishobora gutunga gusa ibipimo by'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo bikenewe kugira ngo ibyo bigo bikore neza.

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashingiye ku miterere y'isoko, agena buri mwaka ibipimo ntarengwa by'ibiyobyabwenge, imiti ikoreshwa nka byo, n'indi miti itegurwa n'umuntu ku giti cye wabyemerewe cyangwa ikigo cyigenga cyabyemerewe n'ikigo cya Leta cyatoranyijwe. Ibyo bipimo bishobora guhindurwa hagati mu mwaka iyo bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 9: Abemerewe gukwirakwiza ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo**

Ibigo byigenga cyangwa umuntu wikorera bafite uburenganzira buteganyijwe mu ngingo ya 7 y'iri tegeko n'ibigo bya Leta byatoranyijwe bikoresha ibigo n'ahandi hantu hafite uburenganzira buteganywa n'iyo ngingo, nibyo byonyine bishobora gukora

destroyed. He/she shall also record the dates of the transactions and the names of his / her suppliers. He / she shall submit to the Minister in charge of health an annual report on quantities used or destroyed and those still in the store.

**Article 8: Production of narcotic drugs and psychotropic substances**

Every authorized private or public enterprise selected, can only retain the quantities of narcotic drugs and psychotropic substances that are necessary for the smooth running of the enterprise.

The Minister in charge of health taking into account the market situation shall annually determine the maximum quantity of narcotics drugs and psychotropic substances and other preparations that can be produced by a person or private enterprise authorised or a designated public enterprise. Such quantities are, if need be, subject to modification during the year.

**Article 9: People authorized to distribute narcotic drugs and psychotropic substances**

Only private companies with the authorisation as provided in Article 7 of this law and public enterprises specifically selected using institutions and premises with a licence provided in that Article, can enter into international trade in

détruites. Il inscrit en outre la date des opérations et les noms de ses fournisseurs. Il soumet au Ministre ayant la santé dans ses attributions un rapport annuel sur les quantités utilisées ou détruites et de celles détenues en stock.

**Article 8: Production des stupéfiants et des substances psychotropes**

Chaque entreprise privée autorisée ou chaque entreprise d'Etat désignée, ne peut détenir que les quantités des stupéfiants et des substances psychotropes nécessaires au bon fonctionnement de l'entreprise.

Le Ministre ayant la santé dans ses attributions fixe chaque année, et en tenant compte de la situation du marché, les quantités maximales des stupéfiants et des substances psychotropes et des préparations pouvant être produites par une personne ou entreprise privée autorisée ou une entreprise publique désignée. Ces quantités peuvent, en cas de besoin être modifiées en cours d'année.

**Article 9: Personnes autorisées à distribuer les stupéfiants et les substances psychotropes**

Seules les entreprises privées titulaires de l'autorisation prévue à l'article 7 de la présente loi et les entreprises publiques spécialement désignées utilisant des établissements et locaux munis de l'autorisation prévue à cet article,

ubucuruzi mpuzamahanga bw'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo.

**<u>Ingingo ya 10:</u> Icyemezo gitangwa n'ubuyobozi**

Kwinjiza no kohereza mu mahanga bibanzirizwa no kubona icyemezo gitangwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze. Icyakora icyo cyemezo si ngombwa mu gihe cy'ibiza.

Icyemezo kigomba kugaragaza:

1º imyirondoro y'ugura ibintu hanze y'igihugu, ubijyana yo n'uwo bigenewe iyo azwi;

2º inyito rusange mpuzamahanga ya buri rusobe rw' imiti, mu gihe ibyo bitashobotse inyito y'urusobe ku mbonerahamwe y'amasezerano mpuzamahanga;

3º ikirango cyayo cyo muri farumasi, yaba ari itegurwa, hakagaragazwa inyito y'ubucuruzi niba iriho;

4º igipimo cya buri rusobe rw'imiti n'itegurwa ibyo bikorwa bireba;

5º igihe ibyo bigomba kuberamo;

6º uburyo bwo kubitwara cyangwa

narcotic drugs and psychotropic substances.

**<u>Article 10</u>: Official certificate**

Import and export shall be subjected to the acquisition of a certificate issued by the Minister in charge of health. The certificate shall not be necessary in case of disaster.

The certificate shall indicate:

1º the names and addresses of the importer, the exporter and the recipient if he/she is known;

2º the common international denomination (CID) of each substance and in case of absence of such a denomination, the determination of the substance in the international convention tables;

3º its pharmaceutical form and, if it is a preparation, its trade mark if any;

4º the quantity of each substance and preparation concerned by the transaction;

5º the period during which this operation must take place;

6º the transport or shipping means;

peuvent se livrer au commerce international des stupéfiants et des substances psychotropes.

**<u>Article 10</u>: Certificat officiel**

L'exportation et l'importation sont soumises à l'obtention d'un certificat délivré par le Ministre ayant la santé dans ses attributions. Toutefois, le certificat n'est pas exigé en cas de catastrophe.

Le certificat<u> doit indiquer :</u>

1º les noms et les adresses de l'importateur, de l'exportateur et ceux du destinataire s'il est connu;

2º la dénomination commune internationale (DCI) de chaque substance et, en cas d'absence d'une telle dénomination, la désignation de la substance sur le tableau des conventions internationales;

3º sa forme pharmaceutique et, s'il s'agit d'une préparation, son nom commercial s'il existe;

4º la quantité de chaque substance et la préparation concernée par l'opération;

5º la période durant laquelle cette opération doit avoir lieu;

6º le mode de transport ou d'expédition

buzakoreshwa mu kubyohereza;

7º aho bizanyuzwa ku mipaka no ku butaka bw'igihugu.

Icyemezo cyo kuzana ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo mu gihugu gisobanura niba bikorwa inshuro imwe gusa cyangwa niba bishobora gukorwa kenshi.

Icyemezo cyo kohereza mu mahanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo kigaragaza inomero n'itariki by'icyemezo cyo kubyinjiza mu gihugu cyatanzwe n'igihugu cyangwa akarere kabitumije.

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze agenera kopi Leta y'igihugu cyangwa y'akarere kabitumije indi kopi ikomekwa kubyoherejwe.

Mu gihe ibiyobyabwenge n'indi miti ikora nka byo byoherejwe bibaye bike ugereranyije n'ibyagaragajwe mu ruhushya rwo kohereza ibintu hanze, urwego rubifitiye ububasha rubisobanura kuri urwo ruhushya no kuri za kopi zarwo zose.

Mu gihe ibyoherejwe byageze mu gihugu cyangwa iyo igihe cy'uruhushya rwo kwinjiza ibintu mu gihugu cyarangiye kandi hakiri ibindi bigomba koherezwa, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze yohereza Leta y'igihugu byoherejwemo inyandiko y'uruhushya igaragaza igipimo cy'ibiyobyabwenge n'indi miti ikora nka byo byoherejwe nyabyo.

7º the place of entry at the border on the national territory.

The import certificate for narcotic drugs and psychotropic substances shall specify if the import is being done once or many times.

The export certificate for narcotic drugs and psychotropic substances shall indicate the number and the date of the import certificate issued by the country or the region that imported them.

The Minister in charge of health shall send a copy to the government of the country or region that imported them and another copy attached to consignment.

If the quantity of the narcotic drugs and the psychotropic substances exported is inferior to that indicated on the export authorization, the competent authority shall specify it on the authorization and on all its copies.

When the consignment has reached the national territory or if import authorisation expires when there are other consignments to be sent, the Minister in charge of health shall send to the government of the country of destination the export document specifying the actual quantity of narcotic drugs and psychotropic substances exported.

qui sera utilisé;

7º le lieu de passage à frontière sur le territoire national.

Le certificat d'importation des stupéfiants et des substances psychotropes précise si l'importation est effectuée une seule fois ou plusieurs fois.

Le certificat d'exportation des stupéfiants ou des substances psychotropes indique le numéro et la date du certificat d'importation délivré par le pays ou la région qui les a importés.

Le Ministre ayant la santé dans ses attributions adresse une copie au gouvernement du pays ou de la région qui les a importés et une autre copie est jointe a l'envoi.

Si la quantité des stupéfiants et des substances psychotropes exportés est inférieure à celle indiquée sur l'autorisation d'exportation, l'autorité compétente le précise sur l'autorisation et sur toutes ses copies.

Lorsque l'envoi arrive sur le territoire national ou lorsque l'autorisation d'importation expire alors qu'il y a encore d'autres envois à faire, le Ministre ayant la santé dans ses attributions envoie au gouvernement du pays de destination l'autorisation d'exportation spécifiant la quantité des stupéfiants et des substances psychotropes réellement exportées.

Icyemezo ntigihabwa undi muntu.

**Ingingo ya 11: Inyandiko z'ubucuruzi**

Inyandiko z'ubucuruzi nk`inyemezabuguzi, manifesiti, ibyemezo bya za gasutamo cyangwa by'ubwikorezi n'ibindi byemezo biherekeza ibicuruzwa, bigomba kugaragaza:

1º izina mu mazina rusange mpuzamahanga y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikora nka byo;

2º izina ry'ubucuruzi;

3º igipimo cy'ibyoherejwe hanze bivuye mu gihugu cyangwa bigomba kuzanwa kuri urwo ruhushya;

4º izina ry'ubyohereje n'aho abarizwa;

5º ubivanye hanze n`aho abarizwa ;

6º ko ubyohererejwe abizi koko.

**Ingingo ya 12: Ibiro bya gasutamo bishinzwe ibicuruzwa byinjira mu gihugu**

Ibiro bya gasutamo byashyiriweho mu gihugu gutumiza no kohereza ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikora nka byo byemezwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

The certificate shall not be transferable.

**Article 11: Commercial documents**

Commercial documents such as invoices, manifest and customs or transport documents and other shipping documents shall indicate:

1º name in the common international denomination of narcotic drugs and psychotropic substances;

2º trade name;

3º quantity exported from the national territory or to be imported under that authorisation;

4º name and the address of the exporter;

5º importer;

6º indicate if the consignee is aware.

**Article 12: Customs offices of entry**

The customs offices established on the national territory for the import and export of narcotic drugs and psychotropic substances shall be determined by the Minister in charge of health.

Le certificat n'est pas cessible.

**Article 11: Documents commerciaux**

Les documents commerciaux tels que factures, manifestes, documents douaniers ou de transport et autres documents d'expédition doivent indiquer:

makumyabiri ku ijana (20%) by'ingengo y'imari yawo igenewe ibikorwa bya buri munsi ubitangira impamvu mu nyandiko igezwa ku rwego rushinzwe kwandika no gukurikirana imikorere y'imiryango mvamahanga itari iya Leta;

5° kubahiriza imiterere ya gahunda n'ibikorwa washingiyeho wiyandikisha ibihinduwe bikamenyeshwa urwego rubishinzwe;

6° gushyikiriza urwego rubishinzwe raporo y'ibikorwa by'umwaka ushize na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira;

7° kudakoresha umutungo uturutse mu buryo butemewe n'amategeko.

**UMUTWE WA V: ITANGWA CYANGWA IGURISHWA RY'IBIKORESHO**

**Ingingo ya 19: Itangwa ry'ibikoresho by'umuryango mvamahanga utari uwa Leta**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushaka kureka gukomeza cyangwa kugabanya ibikorwa byawo mu gihugu ufite uburenganzira bwo gutangaho impano ibikoresho byawo ku muryango

of its budget on overhead costs shall provide explanations in writing, to the authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning;

5° to comply with the nature of its activities and action plan as provided for at the time of registration and to communicate any changes to the competent authority;

6° to submit to the competent authority the activity report of the previous year and the plan of action for the following year;

7° not to use resources illegally acquired.

**CHAPTER V: GRANT OR SALE OF EQUIPMENT**

**Article 19: Grant of equipment of an international non-governmental organisation**

An international non-governmental organisation intending to close or scale down its operations in the country shall be free to transfer its equipment in the form of donations to a

qui compte utiliser plus de vingt pour cent (20%) de son budget alloué aux activités quotidiennes est tenue d'en expliquer les raisons par écrit à l'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales;

5° se conformer à la nature de ses activités et au plan d'action présenté au moment de l'enregistrement et tout changement est communiqué à l'organe compétent;

6° soumettre à l'organe compétent le rapport d'activités pour l'année précédente et le plan d'action pour l'année suivante;

7° ne pas utiliser les fonds dont la source est illicite.

**CHAPITRE V : DON OU VENTE D'EQUIPEMENTS**

**Article 19: Don des équipements d'une organisation internationale non gouvernementale**

Une organisation internationale non gouvernementale qui se propose de clôturer ou de réduire ses activités dans le pays est libre de transférer, sous forme de don, ses

nyarwanda utari uwa Leta bihuje ibikorwa cyangwa bifitanye isano.

Icyakora, iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta ugaragaje impamvu yumvikana ko ibyo bikoresho ubikeneye urabihabwa**.**

Urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rugena ibyubahirizwa mu gutanga ibikoresho iyo umuryango mvamahanga utari urangije ibikorwa byawo.

**<u>Ingingo ya 20</u> : Igurishwa ry'ibikoresho**

Iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta ugikomeza imirimo yawo, ushobora kugurisha ibikoresho byawo hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko kandi hitawe ku byumvikanyweho hagati y'umuryango na Minisiteri tekiniki bireba mu bijyanye n'imari n'imicungire myiza.

Iryo gurisha rigenzurwa na Minisiteri ibifitiye ububasha bwo mu rwego rwa tekiniki, urwego rushinzwe kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta hamwe na Minisiteri ifite mu nshingano zayo ibikoresho bya Leta keretse iyo hari amasezerano yabaye abiteganya ukundi kandi yarabanje kumenyeshwa Minisiteri ibifitiye ububasha bwa tekiniki.

registered national non- governmental organisation undertaking the same or similar activities.

However, if an international non- governmental organisation indicates a clear reason that it genuinely needs such equipment it shall keep them.

The authority in charge of registration of international non- governmental organisations and monitoring of their functioning shall determine procedure to transfer equipment of an international non-governmental organisation closing its operations.

**<u>Article 20</u>: Sale of equipment**

Where an international non- governmental organisation continues to carry on its activities, it may sell its equipment in conformity with existing laws in Rwanda and agreement between the concerned organisation and the line Ministry concerning the financial and property management.

Such a sale shall be supervised by the relevant line Ministry, the authority in charge of registration of international non -governmental organisations and monitoring of their functioning as well as the Ministry in charge of public equipment, unless there exists agreements that provide otherwise which were previously notified to the relevant line Ministry.

équipements à une organisation nationale non gouvernementale exerçant des activités similaires aux siennes.

Toutefois, si l'organisation internationale non gouvernementale exprime clairement son intention de garder les équipements, elle les conserve.

L'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales détermine la procédure de transfert d'équipements lorsqu'une organisation internationale non-gouvernementale clôture ses activités.

**<u>Article 20</u> : Vente des équipements**

Lorsqu'une organisation internationale non gouvernementale poursuit toujours ses activités, elle peut vendre ses équipements en conformité avec les dispositions légales en la matière et les accords entre elle et le Ministère technique concerné relatifs aux finances et à la gestion du patrimoine.

La vente de ces équipements se fait sous la supervision conjointe du Ministère technique, de l'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales et du Ministère ayant les équipements publics dans ses attributions à moins des accords préalablement communiqués au Ministère

technique compétent en disposent autrement.

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, amafaranga avuye mu igurishwa ry'ibikoresho akomeza gukoreshwa mu bikorwa by'uwo muryango.

**UMUTWE WA VI: IKURIKIRANABIKORWA N'ISUZUMAMIKORERE**

**Ingingo ya 21: Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa by'imiryango mvamahanga itari iya Leta**

Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa by'imiryango mvamahanga itari iya Leta bikorwa na Minisiteri ibifitiye ububasha bwa tekiniki ifatanyije n'urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo.

**Ingingo ya 22: Igenzura ry'ibikorwa n'iry'imikoreshereze y'imari**

Bisabwe n'urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rufatanyije na Minisiteri tekiniki cyangwa rumwe muri izo nzego, umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushobora gusabwa gukoresha igenzura ry'ibikorwa byawo n'iry'imikoreshereze y'imari mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90) uhereye ku munsi

Notwithstanding the provisions of Paragraph 2 of this Article, the organisation shall have rights to the management and use of money collected from the sales of equipment.

**CHAPTER VI: MONITORING AND EVALUATION OF ACTIVITIES**

**Article 21: Monitoring and evaluation of activities of international non-governmental organisations**

The monitoring and evaluation of activities of international non-governmental organisations shall be conducted by the line Ministry in collaboration with the authority in charge of registration of the international non-governmental organisations and the monitoring of their functioning.

**Article 22: Audit of activities and finances**

On request from the authority in charge of registration of international non- governmental organisations and monitoring of their functioning in collaboration with the relevant line Ministry or one of them, any international non-governmental organisation may be requested to conduct internal audit on its activities and finances within ninety (90) days

Sous réserve des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'organisation jouit du droit d'utilisation de l'argent issu de la vente des équipements.

**CHAPITRE VI : SUIVI ET EVALUATION DES ACTIVITES**

**Article 21 : Suivi et évaluation des activités des organisations internationales non gouvernementales**

Le suivi et l'évaluation des activités des organisations internationales non gouvernementales sont assurés par le Ministère technique compétent en collaboration avec l'organe ayant l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement dans ses attributions.

**Article 22 : Audit des activités et des finances**

A la demande conjointe de l' organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement et du Ministère technique compétent, ou de l'un d'eux, une organisation internationale non gouvernementale peut être appelée à procéder à un audit de ses activités et finances endéans

uboneyeho urwandiko rubisaba.

Raporo y'igenzura ishyikirizwa urwego rwayisabye.

**Ingingo ya 23: Inkomoko y'umutungo itubahirije amategeko**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ukoresha umutungo ukomoka mu nzira zitemewe n'amategeko ukurikiranwa mu nkiko z'u Rwanda zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 24: Gusabwa kwikosora**

Iyo urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rushingiye ku igenzura ryakozwe nk'uko biteganywa mu ngingo ya 22 y'iri tegeko, rusanze umuryango mvamahanga utari uwa Leta warakoze ikosa rijyanye n'akazi ruwandikira ruwihanangiriza kandi ruwusaba kwikosora.

**UMUTWE WA VII: GUKEMURA IMPAKA**

**Ingingo ya 25: Gukemura amakimbirane**

Amakimbirane yose avutse hagati y'umuryango mvamahanga utari uwa Leta n'indi miryango

from the date of receipt of the written request.

The audit report shall be submitted to the authority having requested it.

**Article 23: Unlawful sources of property**

Any international non-governmental organisation which uses property from unlawful sources shall be prosecuted before competent courts of law in Rwanda.

**Article 24: Warning**

Where the authority in charge of registration of international non- governmental organisations and monitoring of their functioning on the basis of the audit report conducted as provided for under Article 22 of this Law, finds that the international non-governmental organisation committed a disciplinary fault, it shall address a warning letter to the concerned organisation.

**CHAPTER VII: CONFLICT RESOLUTION**

**Article 25: Conflict resolution**

Any conflict arising between an international non-governmental organization and other

quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la réception de la lettre de demande.

Le rapport d'audit est soumis à l'organe qui l'a requis.

**Article 23: Sources illégales du patrimoine**

Une organisation internationale non gouvernementale qui utilise le patrimoine provenant des sources illégales est poursuivie devant les juridictions rwandaises compétentes.

**Article 24 : Mise en garde**

Lorsque l'organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement constate, à la lumière du rapport de l'audit réalisé conformément aux dispositions de l'article 22 de la présente loi, que l'organisation internationale non-gouvernementale a commis une faute disciplinaire, il lui adresse une mise en garde par écrit en lui demandant de se corriger.

**CHAPITRE VII : RESOLUTION DE CONFLITS**

**Article 25 : Résolution des conflits**

Tout litige qui surgit entre une organisation internationale non gouvernementale et

cyangwa n'izindi nzego akemurwa mu buryo bw'ubwumvikane.

Iyo ubwumvikane budashobotse, ikirego gishyikirizwa urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha.

**<u>UMUTWE WA VIII</u>: GUHAGARIKA IBIKORWA**

**<u>Ingingo ya 26</u>: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa by'umuryango mvamahanga utari uwa Leta, iry'uwuhagarariye cyangwa iry' umukozi wawo**

Nyuma y'ukwezi kumwe umuryango mvamahanga utari uwa Leta wihanangirijwe, iyo ukomeje gukora amakosa ku byo wihanagirijweho kandi ntusobanurire urwego rubifitiye ububasha impamvu utubahirije ibyo wihanangirijweho, urwo rwego ruhagarika by'agateganyo uwo muryango mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

Urwego rubifitiye ububasha rumenyesha icyo cyemezo cy'ihagarikwa umuryango mvamahanga utari uwa Leta, abafatanyabikorwa bawo, abo utera inkunga n'inzego za Leta bireba.

Iyo uhagarariye umuryango mvamahanga utari uwa Leta, umukozi w'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ukorera umuryango agaragayeho kwica amategeko, akurikiranwa hakurikijwe

organisations or other entities shall be amicably settled.

In case of failure to reach a compromise, the case shall be filed before the competent court in Rwanda.

**<u>CHAPTER VIII</u>: CLOSING DOWN**

**<u>Article 26</u>: Temporary suspension of an international non-governmental organisation, its representative or its employee**

If, one month after the warning, the international non-governmental organisation continues to commit the faults that were the basis of the warning letter and does not explain to the competent authority the reasons for that non compliance, that authority shall suspend that international non-governmental organisation for a period not exceeding three (3) months.

The competent authority shall notify such a decision of suspension to the international non-governmental organisation, its partners, its beneficiaries and concerned state institutions.

Where a representative of an international non-governmental organisation or its employee, either national or expatriate, contravenes the legal provisions, he/she shall be prosecuted

d'autres organisations ou d'autres entités, est réglé à l'amiable.

A défaut de compromis, le litige est soumis à la juridiction rwandaise compétente.

**<u>CHAPITRE VIII</u> : CESSATION DES ACTIVITIES**

**<u>Article 26</u> : Suspension temporaire d'une organisation internationale non gouvernementale, de son représentant ou de son employé**

Lorsqu'un mois après la mise en garde, l'organisation internationale non gouvernementale persiste à commettre les fautes qui ont donné lieu à la mise en garde et ne fournit pas à l'organe compétent des raisons de ce manquement, ledit organe suspend cette organisation pour une période ne dépassant pas trois ( 3) mois.

L'organe compétant notifie sa décision à l'organisation internationale non gouvernementale, à ses partenaires, à ses bénéficiaires et aux organes de l'Etat concernés.

Lorsque le représentant d'une organisation internationale non gouvernementale, son employé de nationalité rwandaise ou étrangère contrevient aux lois, il est poursuivi

amategeko abigenga.

**Ingingo nshya ya 27: Ihagarikwa rya burundu ry'ibikorwa by'umuryango mvamahanga utari uwa Leta**

Mu gihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo, umuryango mvamahanga utari uwa Leta usabwa kugaragariza urwego rubishinzwe uburyo ugiye kwikosora kugira ngo ukomeze ibikorwa byawo.

Iyo igihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo kirangiye, umuryango mvamahanga utari uwa Leta utikosoye, urwego rushobora gufata icyemezo cyo kuhagarika ibikorwa byawo burundu.

Ibikorwa by'umuryango mvamahanga utari uwa Leta bishobora kandi guhagarikwa burundu n'urwego rubishinzwe iyo bigaragaye ko umuryango uhungabanya umutekano rusange, ituze, ubuzima, imyitwarire myiza n'uburenganzira bwa muntu.

Iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta utishimiye icyemezo wafatiwe cyo guhagarika burundu ibikorwa byawo, ushobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 28: Ihagarikwa ry'ibikorwa biturutse ku muryango mvamahanga utari uwa Leta**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushobora

according to the laws pertaining thereto.

**Article 27: Final suspension of an international non-governmental organisation**

During the temporary suspension period, an international non-governmental organisation shall provide to the competent authority measures taken in order to carry on its activities.

Where an international non-governmental organisation, after temporary suspension period, fails to comply with the instructions, the competent authority may decide to suspend its activities definitely.

The competent authority may also terminate activities of an international non-governmental organisation where the organisation jeopardizes security, public order, health, morals and human rights.

Where an international non-governmental organisation is not satisfied with the decision of terminating its activities, it may file the case to the competent court.

**Article 28: Closing down by the international non-governmental organisation**

Any international non-governmental

conformément à la législation en la matière.

**Article 27: Suspension définitive d'une organisation internationale non gouvernementale**

Au cours de la période de suspension temporaire, l'organisation internationale non gouvernementale est tenue de soumettre à l'organe habilité des mesures de corrections prises pour pouvoir poursuivre ses activités.

Au cas où une organisation internationale non gouvernementale, après le délai de suspension temporaire, ne parvient pas à se corriger, l'organe compétent peut suspendre définitivement ses activités.

L'organe compétent peut aussi suspendre définitivement les activités d'une organisation non gouvernementale lorsqu'il est constaté qu'elle contrevient à la sécurité, à l'ordre public, à la santé, à la morale et aux droits de la personne.

Au cas où l'organisation internationale non gouvernementale n'est pas satisfaite de la décision de suspendre définitivement ses activités, elle peut saisir une juridiction compétente.

**Article 28 : Cessation des activités à l'initiative de l'organisation internationale non gouvernementale**

Une organisation internationale non

guhagarika ibikorwa byawo kubera impamvu zikurikira:

1° impamvu zikomeye;
2° ubushake bw'umuryango mvamahanga utari uwa Leta;
3° manda y'umuryango mvamahanga utari uwa Leta irangiye.

Usibye igihe biturutse ku mpamvu zikomeye nk'uko biteganywa n'itegeko, iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta uteganya guhagarika ibikorwa byawo mu Rwanda, ugomba mu gihe cy'amezi atatu (3) nibura mbere yo guhagarika ibikorwa, kubimenyesha mu nyandiko urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo, ukagenera kopi Minisiteri ibifitiye ububasha bwa tekiniki.

**UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 29: Guhuza imikorere n'iri tegeko**

Imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu Rwanda igomba guhuza imikorere yayo n'ibiteganywa n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

organisation may close down its activities due to the following grounds:

1° case of force majeure;
2° deliberate decision of the international non-governmental organisation;
3° end of the mandate of the international non-government organisation.

Except in case of force majeure as provided for by law, an international non-governmental organisation which intends to close down its activities in Rwanda shall be required, in a period of three (3) months before closing, to inform the authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning, and reserve a copy to the line Ministry.

**CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 29: Harmonizing functioning with this Law**

International non-governmental organisations operating in Rwanda shall harmonize their functioning with the provisions of this Law in a period not exceeding twelve (12) months from the date it was published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

gouvernementale peut cesser ses activités dans les conditions suivantes:

1° cas de force majeure;
2° volonté de l'organisation internationale non gouvernementale ;
3° la fin du mandat de l'organisation internationale non gouvernementale.

Sauf dans les cas de force majeure prévus par la loi, lorsqu'une organisation internationale non gouvernementale envisage de cesser ses activités au Rwanda, elle est tenue de le notifier à l'organe chargé de l'enregistrement des organisations non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement au moins trois (3) mois avant la cessation des activités avec copie au Ministère technique compétent.

**CHAPITRE IX : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 29 : Harmonisation du fonctionnement avec la présente loi**

Les organisations internationales non gouvernementales opérant au Rwanda sont tenues d'harmoniser leur fonctionnement avec les dispositions de la présente loi endéans douze (12) mois à compter de la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 30: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 31: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 32: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 17/02/2012

**Article 30: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 31: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 32: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 17/02/2012

**Article 30 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 31 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 32 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 17/02/2012

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**

**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**

**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**

**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**(sé)**

**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic**:

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°06/2012 RYO KUWA 17/02/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'IMIRYANGO ISHINGIYE KU IDINI**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ubwisanzure bwo gusenga**

**Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo gukorera mu Rwand*a***

**Ingingo ya 5: Ibikorwa by'imiryango ishingiye ku idini**

**Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo kuvugira mu ruhame**

**Ingingo ya 7: Ubwisanzure bw'imiryango ishingiye ku idini**

**Ingingo ya 8: Ubufatanye bugamije iterambere**

**Ingingo ya 9: Amategeko shingiro**

**LAW N°06/2012 OF 17/02/2012 DETERMINING ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RELIGIOUS-BASED ORGANISATIONS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Freedom of worship**

**Article 4: Authorisation to operate in Rwanda**

**Article 5: Activities of religious-based organisations**

**Article 6: Freedom to public statements**

**Article 7: Autonomy of religious - based organisations**

**Article 8: Partnership for development**

**Article 9: Statutes**

**LOI N°06/2012 DU 17/02/2012 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS FONDEES SUR LA RELIGION**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER:DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3 : Liberté de culte**

**Article 4: Autorisation de mener des activités au Rwanda**

**Article 5 : Activités des organisations fondées sur la religion**

**Article 6 : Liberté de faire les déclarations publiques**

**Article 7: Autonomie des organisations fondées sur la religion**

**Article 8 : Partenariat pour le développement**

**Article 9 : Statuts**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Ibibujijwe mu mikorere n'imigenzo** | **Article 10: Limitations related to the functioning and practices** | **Article 10 : Restrictions relatives au fonctionnement et aux pratiques** |
| **Ingingo ya 11: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umuyoboke w'umuryango ushingiye ku idini** | **Article 11: Requirements for membership of a religious-based organisation** | **Article 11 : Conditions d'adhésion à une organisation fondée sur la religion** |
| **Ingingo ya 12: Kugena icyicaro gikuru** | **Article 12: Determining the head office** | **Article 12: Détermination du siège** |
| **UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA NO GUSABA UBUZIMAGATOZI** | **CHAPTER II: REGISTRATION AND APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY** | **CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET DEMANDE DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE** |
| **Ingingo ya 13: Kwiyandikisha** | **Article 13: Registration** | **Article 13 : Enregistrement** |
| **Ingingo ya 14: Urwego rushinzwe kwandika, gutanga ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere y'imiryango ishingiye ku idini** | **Article 14: Authority in charge of registering, granting the legal personality and monitoring the functioning of religious based organisations** | **Article 14 : Organe chargé de l'enregistrement, de l'octroi de la personnalité juridique et du suivi du fonctionnement des organisations fondées sur la religion** |
| **Ingingo 15: Icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa** | **Article 15: Temporary registration certificate** | **Article 15 : Certificat temporaire d'enregistrement** |
| **Ingingo ya 16: Ibisabwa mu iyandikwa** | **Article 16: Requirements for registration** | **Article 16 : Conditions requises pour l'enregistrement** |
| **Ingingo ya 17: Ibigomba kugaragazwa mu mategekoshingiro** | **Article 17: Content of the statutes** | **Article 17 : Contenu des statuts** |
| **Ingingo ya 18 : Itangwa ry'icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa** | **Article 18: Issue of a temporary registration certificate** | **Article 18: Octroi du certificat temporaire d'enregistrement** |
| **Ingingo ya 19: Impamvu zo kudatanga icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa** | **Article 19: Reasons for refusal to issue a temporary registration certificate** | **Article 19 : Motifs de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 20: Kuregera kwangirwa icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa** | **Article 20: Filing a case against the decision of refusal to issue a temporary registration certificate** | **Article 20 : Recours contre la décision de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement** |
| **Ingingo ya 21: Gusaba ubuzimagatozi** | **Article 21: Application for the legal personality** | **Article 21: Demande de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 22: Gutanga ubuzimagatozi** | **Article 22: Granting the legal personality** | **Article 22 : Octroi de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 23: Kudatanga ubuzimagatozi** | **Article 23: Refusal to grant the legal personality** | **Article 23 : Refus d'octroi de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 24: Impamvu zo kudatanga ubuzimagatozi** | **Article 24: Reasons for refusal to grant the legal personality** | **Article 24 : Motifs de refus d'octroi de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 25: Kuregera icyemezo cyo kwangirwa ubuzimagatozi** | **Article 25: Filing a case against the decision of refusal of granting the legal personality** | **Article 25 : Recours contre la décision de refus d'octroi de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 26: Itangazwa ry'icyemezo cy'ubuzimagatozi n'amategeko agenga umuryango ushingiye ku idini** | **Article 26: Publication of the decision granting the legal personality and the statutes of a religious-based organisation** | **Article 26 : Publication de la décision d'octroi de la personnalité juridique et des statuts d'une organisation fondée sur la religion** |
| **Ingingo ya 27: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahagararire umuryango ushingiye ku idini imbere y'amategeko** | **Article 27: Requirements to be legal representative of a religious-based organisation** | **Article 27: Conditions pour être représentant légal d'une organisation fondée sur la religion** |
| **UMUTWE WA III: GUKEMURA AMAKIMBIRANE** | **CHAPTER III: CONFLICT RESOLUTION** | **CHAPITRE III : RESOLUTION DES CONFLITS** |
| **Ingingo ya 28: Gukemura amakimbirane** | **Article 28: Conflict resolution** | **Article 28 : Résolution des conflits** |
| **UMUTWE WA IV: GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIRYANGO ISHINGIYE KU IDINI** | **CHAPTER IV: MONITORING OF THE FUNCTIONING OF RELIGIOUS-BASED ORGANISATIONS** | **CHAPITRE IV : SUIVI DU FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS FONDEES SUR LA RELIGION** |
| **Ingingo ya 29: Gukurikirana ibikorwa** | **Article 29: Monitoring of the activities of a** | **Article 29: Suivi des activités d'une organisation** |

**by'umuryango ushingiye ku idini**

**Ingingo ya 30: Inkomoko y'inkunga itemewe n'amategeko**

**UMUTWEWAV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI**

**Ingingo ya 31: Uburenganzira bw' umuryango ushingiye ku idini**

**Ingingo ya 32: Inshingano z'umuryango ushingiye ku idini**

**Ingingo ya 33 : Gusabwa kwikosora**

**Ingingo ya 34: Guhagarika ibikorwa by'umuryango ushingiye ku idini**

**UMUTWE WA VI: ISESWA RY'UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI**

**Ingingo ya 35: Iseswa rikozwe n'urwego rukuru rw'umuryango ushingiye ku idini**

**Ingingo ya 36: Iseswa ry'umuryango ushingiye ku idini rikozwe n'urukiko**

**Ingingo ya 37: Umutungo w'umuryango ushingiye ku idini nyuma y'uko useswa**

**religious-based organisation**

**Article 30: Unlawful source of aid**

**CHAPTER V: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF RELIGIOUS-BASED ORGANISATIONS**

**Article 31: Rights of a religious-based organisation**

**Article 32: Obligations of a religious-based organisation**

**Article 33: Warning**

**Article 34: Suspension of activities of a religious-based organisation**

**CHAPTERVI: DISSOLUTION OF A RELIGIOUS BASED-ORGANISATION**

**Article 35: Dissolution of a religious-based organisation by its supreme organ**

**Article 36: Dissolution of a religious-based organisation by a court.**

**Article 37: Property of a religious-based organisation after its dissolution**

**fondée sur la religion**

**Article 30: Source illégale de l'aide**

**CHAPITRE V : DROITS ET OBLIGATIONS DES ORGANISATIONS FONDEES SUR LA RELIGION**

**Article 31 : Droits d'une organisation fondée sur la religion**

**Article 32 : Obligations d'une organisation fondée sur la religion**

**Article 33 : Mise en garde**

**Article 34 : Suspension des activités d'une organisation fondée sur la religion**

**CHAPITRE VI : DISSOLUTION D'UNE ORGANISATION FONDEE SUR LA RELIGION**

**Article 35: Dissolution d'une organisation fondée sur la religion par son organe suprême**

**Article 36: Dissolution judiciaire d'une organisation fondée sur la religion**

**Article 37: Patrimoine d'une organisation fondée sur la religion après dissolution**

**Ingingo ya 38: Kumenyekanisha iseswa ry'umuryango ushingiye ku idini no kwakira ibirego by'abo ubereyemo imyenda**

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 39: Amateraniro adasanzwe abera mu ruhame**

**Ingingo ya 40: Kudasaba ubuzimagatozi bundi bushya**

**Ingingo ya 41: Guhuza imikorere n'amategeko agenga umuryango ushingiye ku idini n'iri tegeko**

**Ingingo ya 42: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Ingingo ya 43: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 44: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 38: Public notice for the dissolution of a religious-based organisation and claims by its creditors**

**CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 39: Special congregations in public**

**Article 40: Non re-application for the legal personality**

**Article 41: Harmonizing the functioning and statutes of a religious-based organisation with this Law**

**Article 42: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 43: Repealing provision**

**Article 44: Commencement**

**Article 38 : Avis de dissolution d'une organisation fondée sur la religion et l'action en justice de la part de ses créanciers**

**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 39 : Assemblées publiques extraordinaires**

**Article 40 : Non renouvellement de la demande de la personnalité juridique**

**Article 41 : Harmonisation du fonctionnement et des statuts d'une organisation fondée sur la religion avec la présente loi**

**Article 42 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 43 : Disposition abrogatoire**

**Article 44 : Entrée en vigueur**

**ITEGEKO Nº06/2012 RYO KUWA 17/02/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'IMIRYANGO ISHINGIYE KU IDINI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 04 Ukwakira 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 04 Ukwakira 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 11, iya 33, iya 35, iya 36, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966, cyane cyane mu ngingo zayo iya 18 n'iya 22,

**LAW Nº06/2012 OF 17/02/2012 DETERMINING ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RELIGIOUS-BASED ORGANISATIONS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 04 October 2011;

The Senate in its Session of 04 October 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 16 December 1966, especially in Articles 18 and 22, ratified by the Decree-law n° 8/75 of 12 /02/1975;

**LOI Nº06/2012 DU 17/02/2012 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS FONDEES SUR LA RELIGION**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT**:

La Chambre des Députés, en sa séance du 04 octobre 2011;

Le Sénat, en sa séance du 04 octobre 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles, 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, et 201;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Civils et Politiques du 16 décembre 1966 spécialement en ses articles 18 et 22, ratifié par le Décret-loi n° 8/75 du 12/02/1975;

yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo kuwa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Ubukungu, mu Mibereho Myiza no mu Muco, yo kuwa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo kuwa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'ubw'abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981, cyane cyane mu ngingo zayo iya 8 n'iya 10, yemejwe n'itegeko n° 10/83 ryo kuwa 17/05/1983;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa muri ubu buryo:

1° **abayoboke b'umuryango ushingiye ku idini**: abantu bashinze umuryango ushingiye ku idini hamwe n'abandi bemerewe kuwinjiramo nyuma;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966, ratified by the Decree-law n° 8/75 of 12/02/ 1975;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981, especially in Articles 8 and 10, ratified by the Law n° 10/83 of 17/05/1983;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines organisation and functioning of religious- based organisations.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meaning:

1° **members of a religious-based organisation:** members who founded a religious-based organisation and other members who are allowed to join later;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Economiques**,** Sociaux et Culturels du 16 décembre 1966, ratifié par le Décret-loi n°8/75 du 12/02/1975;

Vu la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981, spécialement en ses articles 8 et 10, ratifiée par la Loi n° 10/83 du 17/05/1983;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion.

**Article 2: Définitions des termes**

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **membres d'une organisation fondée sur la religion:** membres fondateurs d'une organisation fondée sur la religion et les autres membres qui ont été autorisés à y

2° **uburenganzira n'ubwisanzure mu byo gusenga:** ukugaragaza ibitekerezo n'ibikorwa bijyanye n'imyemerere umuntu yihitiyemo yaba ari wenyine cyangwa ari hamwe n'abandi, baba mu ruhame cyangwa biherereye;

3° **umuryango ushingiye ku idini:** umuryango ugizwe n'abantu basangiye imyemerere, gusenga n'uburyo bwo kubigaragaza.

**Ingingo ya 3: Ubwisanzure bwo gusenga**

Umuntu wese afite ubwisanzure bwo gusenga kandi ntibubanza gusabirwa uruhushya. Ubwisanzure bwo gusenga bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

Uburenganzira bwo gukurikiza no kugaragaza ibyo umuntu yemera mu muryango ushingiye ku idini yihitiyemo bukurikiza amategeko kandi ntibubangamira umutekano, ituze n'ubuzima bya rubanda, umuco mbonezabupfura cyangwa se ubwigenge n'uburenganzira shingiro by'abandi.

**Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda**

Kugira ngo umuryango ushingiye ku idini wemererwe gukorera mu Rwanda ugomba kubanza kwiyandikisha ku rwego rubishinzwe.

2° **right and freedom of worship:** freely expressing views and practices related to one's beliefs whether individually or as a group either publicly or privately;

3° **religious-based organisation**: an organisation whose members share same beliefs, cult and practice.

**Article 3: Freedom of worship**

Every one shall enjoy freedom of worship without a prior authorization. Freedom of worship shall be exercised in accordance with the appropriate legal provisions.

Freedom to practise and show one's belief in a religious-based organisation of his/her choice shall be subject to legal provisions and shall not jeopardize security, public order and health, morals or the fundamental rights and freedoms of others.

**Article 4: Authorisation to operate in Rwanda**

In order to operate in Rwanda, any religious-based organisation shall first apply for registration with the competent authority.

adhérer après;

2° **droit et liberté de culte**: la liberté de manifester, individuellement ou en commun, tant en public qu'en privé, des croyances et pratiques compatibles avec la religion du choix de quelqu'un;

3° **organisation fondée sur la religion**: une organisation dont les membres partagent les mêmes croyances, culte et pratiques.

**Article 3: Liberté de culte**

Toute personne jouit de la liberté de culte sans aucune autorisation préalable. La liberté de culte s'exerce conformément à la législation en la matière.

La liberté de pratiquer et de manifester les croyances de quelqu'un dans une organisation fondée sur la religion de son choix est soumise au respect des dispositions légales et ne doit pas compromettre la sécurité, l'ordre public et la santé, la moralité publique ou les libertés et droits fondamentaux d'autrui.

**Article 4: Autorisation de mener des activités au Rwanda**

Pour mener ses activités au Rwanda, toute organisation fondée sur la religion doit préalablement se faire enregistrer auprès de l'organe habilité.

**Ingingo ya 5: Ibikorwa by'imiryango ishingiye ku idini**

Imiryango ishingiye ku idini yihitiramo ibikorwa ikora. Ibyo bikorwa byubahiriza amategeko ajyanye n'urwego birimo.

Icyakora, ntiyemerewe gukora ibikorwa bigamije urwunguko rw'amafaranga cyangwa indi mitungo ba nyir'imiryango ishingiye ku idini bateganya kuzigabanira.

Ntiyemerewe kandi kugira ibikorwa byo guharanira kugera ku butegetsi nko gushakisha inkunga cyangwa gukoresha ibiganiro bigamije gushyigikira imitwe ya politiki cyangwa umukandida wa politiki, kwandikisha cyangwa gukoresha ubundi buryo bushyigikira abakandida bashaka kujya mu buyobozi bw'Igihugu.

**Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo kuvugira mu ruhame**

Ibiteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko ntibibuza imiryango ishingiye ku idini cyangwa abayihagarariye kuvugira mu ruhame batanga ibitekerezo birebana n'imibanire cyangwa imyemerere y'abantu.

**Ingingo ya 7: Ubwisanzure bw'imiryango ishingiye ku idini**

Bitanyuranyije n'ibiteganywa n'andi mategeko,

**Article 5: Activities of religious-based organisations**

Religious-based organisations shall be free to choose their own activities. Such activities shall be carried out according to legal provisions pertaining thereto.

However, they shall not be allowed to engage in profit generating activities or in such activities of which members intend to share revenues among themselves.

They cannot engage in activities that would enable them achieve political power like seeking support or organise debates to support a political organisation or a candidate, facilitate organisation or registration or any other way to support any potential candidates for any public office.

**Article 6: Freedom to public statements**

The provisions of Article 5 of this Law do not prohibit religious-based organisations or their representatives from making public statements to express their views on social relations or human beliefs.

**Article 7: Autonomy of religious- based organisations**

Without prejudice to provisions of other laws,

**Article 5 : Activités des organisations fondées sur la religion**

Les organisations fondées sur la religion exercent les activités de leur choix. Ces activités doivent être conformes aux lois régissant leurs domaines d'intervention.

Toutefois, elles ne sont pas autorisées à exercer les activités visant des bénéfices ou d'autres revenus devant être partagés entre les membres.

Elles ne sont pas non plus autorisées à se livrer à des activités politiques telles que la mobilisation des fonds ou l'organisation des débats en faveur des formations politiques ou d'un candidat politique, à proposer ou à soutenir de quelque autre manière des candidats au poste de responsabilité dans le pays.

**Article 6 : Liberté de faire les déclarations publiques**

Les dispositions de l'article 5 de la présente loi n'interdisent pas aux organisations fondées sur la religion ou à leurs représentants de faire des déclarations publiques pour exprimer leurs points de vue sur les relations sociales ou les convictions humaines.

**Article 7: Autonomie des organisations fondées sur la religion**

Sans préjudice des dispositions des autres lois, les

imiryango ishingiye ku idini ifite ubwisanzure mu micungire n'imikoreshereze y'imari, mu ndangagaciro ngenderwaho no mu miyoborere yayo.

religious-based organisations shall enjoy financial, moral and administrative autonomy.

organisations fondées sur la religion jouissent de l'autonomie financière, morale et administrative.

**Ingingo ya 8: Ubufatanye bugamije iterambere**

Leta y'u Rwanda n'imiryango ishingiye ku idini bishobora gufatanya mu bikorwa bigamije iterambere.

**Article 8: Partnership for development**

The Government of Rwanda and religious-based organisations may engage in partnership for development.

**Article 8 : Partenariat pour le développement**

Le Gouvernement du Rwanda et les organisations fondées sur la religion peuvent s'engager dans un partenariat pour le développement.

**Ingingo ya 9: Amategekoshingiro**

Bitanyuranyije n'andi mategeko, imiryango ishingiye ku idini igengwa n'amategekoshingiro yayo.

**Article 9: Statutes**

Without prejudice to other laws, religious-based organisations shall be governed by their own statutes.

**Article 9 : Statuts**

Sans préjudice d'autres lois, les organisations fondées sur la religion sont régies par leurs propres statuts.

**Ingingo ya 10: Ibibujijwe mu mikorere n'imigenzo**

Imiryango ishingiye ku idini, mu mikorere n'imigenzo yayo ntigomba kunyuranya n'amategeko agamije kubungabunga umutekano wa rubanda, ubuzima bwabo, imyitwarire myiza hamwe n'uburenganzira bw'abaturage.

**Article 10: Limitations related to the functioning and practices**

Religious-based organisations in their functioning and practices shall conform to laws of protection of public safety, health, morals and human rights.

**Article 10 : Restrictions relatives au fonctionnement et pratiques**

Les organisations fondées sur la religion dans leur fonctionnement et pratiques se conforment aux lois en matière de maintien de la sécurité publique, de la santé publique, de la morale et des droits de l'homme.

**Ingingo ya 11: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umuyoboke w'umuryango ushingiye ku idini**

Buri muryango ushingiye ku idini ufite uburenganzira bwo kugena ibyo umuyoboke wawo agomba kuba yujuje hubahirizwa amahame n'imigenzo yawo. Imiryango ishingiye

**Article 11: Requirements for membership of a religious-based organisation**

Each religious-based organisation shall be free to determine criteria for membership in respect with its own doctrine and practice. Religious-based organisations shall only avoid making use of

**Article 11 : Conditions d'adhésion à une organisation fondée sur la religion**

Toute organisation fondée sur la religion est libre de fixer les conditions d'adhésion conformes à ses doctrines et pratiques. Il est toutefois interdit aux organisations fondées sur la religion d'user des

ku idini yirinda gusa gushaka abayoboke ku ngufu kandi abayoboke bakagira uburenganzira bwo kuva mu muryango ushingiye ku idini ku bushake bwabo.

**Ingingo ya 12: Kugena icyicaro gikuru**

Umuryango ushingiye ku idini ufite ubwisanzure mu kugena aho ushyira icyicaro gikuru cyawo mu Rwanda hose ariko ukamenyesha urwego rubishinzwe.

**UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA NO GUSABA UBUZIMAGATOZI**

**Ingingo ya 13: Kwiyandikisha**

Imiryango ishingiye ku idini igomba kwiyandikisha ku rwego rubishinzwe kugira ngo harengerwe ituze ry'abantu muri rusange no gukorera mu mucyo.

Icyakora, mu gihe abashaka gushinga umuryango ushingiye ku idini batariyandikisha bemerewe guterana babanje kubimenyesha ubuyobozi bw'Umurenge bateganya guteraniramo.

**Ingingo ya 14: Urwego rushinzwe kwandika, gutanga ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere y'imiryango ishingiye ku idini**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere ni rwo

coercive means for recruitment of members and members shall be free to withdraw from any religious-based organisation.

**Article 12: Determining the head office**

A religious-based organisation shall be free to determine the location of its head office in Rwanda and notify the competent authority.

**CHAPTER II: REGISTRATION AND APPLICATION FOR THE LEGAL PERSONALITY**

**Article 13: Registration**

All religious-based organisations must register with the competent authority to ensure public order in general and transparency.

However, in case those who intend to establish a religious-based organisation are not yet registered, they shall be allowed to congregate after informing the authorities of the Sector in which they intend to do so.

**Article 14: Authority in charge of registering, granting the legal personality and monitoring of the functioning of religious-based organisations**

The Rwanda Governance Board shall be the

méthodes coercitives dans le recrutement des membres, lesquels membres restent libres de quitter l'organisation fondée sur la religion.

**Article 12: Détermination du siège**

Toute organisation fondée sur la religion est libre d'établir son siège au lieu de son choix sur tout le territoire rwandais et d'en informer l'organe habilité.

**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET DEMANDE DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE**

**Article 13 : Enregistrement**

Toutes les organisations fondées sur la religion sont tenues de se faire enregistrer auprès de l'organe habilité afin d'assurer l'ordre public en général et la transparence.

Toutefois, lorsque ceux qui envisagent de fonder une organisation fondée sur la religion ne se sont pas encore fait enregistrés, ils sont autorisés à se rassembler après en avoir informé les autorités du Secteur dans lequel ils envisagent de se rassembler.

**Article 14 : Organe chargé de l'enregistrement, de l'octroi de la personnalité juridique et du suivi du fonctionnement des organisations fondées sur la religion**

L'Office Rwandais de la Gouvernance est l'organe

rwego rushinzwe kwandika, gutanga ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere y'imiryango ishingiye ku idini.

**Ingingo 15: Icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa**

Icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa ry'umuryango ushingiye ku idini, kigira agaciro k'amezi cumi n'abiri (12). Mu gihe kitarenze amezi icyenda (9) icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa gitanzwe, umuryango ushingiye ku idini ugomba gusaba ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 16: Ibisabwa mu iyandikwa**

Kugira ngo umuryango ushingiye ku idini uhabwe icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa, ugomba kwandikira ibaruwa urwego rubishinzwe iherekejwe n'ibi bikurikira:

1° amategeko awugenga ariho umukono wa Noteri kandi yubahiriza ibikubiye mu ngingo ya 5 y'iri tegeko;

2° aho icyicaro giherereye n'aderesi yuzuye;

3° amazina y'uhagarariye umuryango ushingiye ku idini imbere y'amategeko n'umusimbura igihe adahari, imirimo bashinzwe, aho babarizwa, umwirondoro

authority in charge of registering of religious-based organisations, granting the legal personality and monitoring their functioning.

**Article 15: Temporary registration certificate**

A temporary registration certificate issued to a religious-based organisation shall be valid for twelve (12) months. In a period not exceeding nine (9) months from the date the temporary registration certificate is granted, any religious-based organisation must apply for the legal personality.

**Article 16: Requirements for registration**

A religious-based organisation shall address an application letter to the competent authority in order to be issued with a temporary registration certificate. The following shall be enclosed in the application letter:

1° authenticated statutes governing the religious-based organisations with contents respecting the provisions of Article 5 of this Law;

2° location of its head office as well as its full address;

3° names of the legal representative of the religious-based organisations, his/her deputy, their duties, full address, their curriculum vitae and their criminal

chargé de l'enregistrement, de l'octroi de personnalité juridique et du suivi du fonctionnement des organisations fondées sur la religion.

**Article 15 : Certificat temporaire d'enregistrement**

Le certificat temporaire d'enregistrement d'une organisation fondée sur la religion est valable pour une période de douze (12) mois. Dans un délai ne dépassant pas neuf (9) mois suivant la date de délivrance du certificat temporaire d'enregistrement, l'organisation fondée sur la religion est tenue d'introduire une demande de personnalité juridique.

**Article 16 : Conditions requises pour l'enregistrement**

Pour avoir un certificat temporaire d'enregistrement, l'organisation fondée sur la religion doit adresser une lettre de demande à l'organe habilité. La lettre de demande s'accompagne des éléments suivants :

1° les statuts notariés régissant l'organisation fondée sur la religion et qui sont conformes à l'article 5 de la présente loi;

2° le siège social et l'adresse complète;

3° les noms du représentant légal de l'organisation fondée sur la religion, son suppléant, leurs attributions et adresses complètes, leurs curriculum vitae et leurs

wabo ndetse n'icyemezo kigaragaza ko batigeze gufungwa;
4° icyemezo cy'uko uhagarariye umuryango ushingiye ku idini imbere y'amategeko n'umusimbura bashyizweho mu buryo bwemewe n'amategeko awugenga;
5° inyandiko ngufi isobanura amahame ugenderaho;
6° inyandikomvugo y'Inama Rusange yemeje amategeko awugenga.

Iteka rya Minisitiri ufite imiryango ishingiye ku idini mu nshingano ze rigena ibindi bisabwa mu iyandikwa ryayo.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Ibigomba kugaragazwa mu mategekoshingiro**

Amategekoshingiro agenga umuryango ushingiye ku idini agomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:

1° izina;
2° intego, aho ibikorwa bizakorerwa n'abagenerwabikorwa;
3° imiterere y'inzego z'ubuyobozi, ububasha n'inshingano zazo;
4° ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuyobozi n'uko abitakaza;
5° inzego zishinzwe ubutegetsi n'ubugenzuzi bw'imari;
6° urwego n'uburyo byo gukemura amakimbirane;
7° aho umutungo ujya iyo umuryango

records;

4° a document certifying that the legal representative of the religious-based organisations and his/her deputy were appointed in accordance with its statutes;
5° a brief statement describing the major doctrine of the religious-based organisation;
6° the minutes of the General Assembly which approved the statutes of the religious-based organisations.

An Order of the Minister in charge of religious-based organisations shall determine additional requirements for registration.

**<u>Article 17</u>: Content of the statutes**

Statutes governing a religious-based organisation shall at least contain the following:

1° name;
2° mission, area of activities and the beneficiaries;
3° organisational structure, competence and duties of the organs;
4° criteria for being a leader and loss of leadership;
5° administrative and financial audit organs;
6° organ for and mechanisms of conflict resolution;
7° the property disposal in case of

extraits du casier judiciaire;

4° un document attestant que le représentant légal de l'organisation fondée sur la religion et son suppléant ont été désignés dans le respect de ses statuts;
5° une brève description de la doctrine de l'organisation fondée sur la religion;
6° le procès-verbal de l'Assemblée Générale ayant adopté ses statuts.

Un arrêté du Ministre ayant les organisations fondées sur la religion dans ses attributions détermine d'autres conditions d'enregistrement.

**<u>Article 17</u> : Contenu des statuts**

Les statuts d'une organisation fondée sur la religion doivent comporter au moins les mentions suivantes:

1° la dénomination ;
2° la mission, la zone d'intervention et les bénéficiaires;
3° la structure, la compétence et les attributions des organes;
4° les critères pour être et pour perdre la qualité de dirigeant;
5° les organes administratifs et d'audit financier ;
6° l'organe et mécanisme de résolution des conflits ;
7° les modalités d'affectation du patrimoine en

ushingiye ku idini usheshwe.

**Ingingo ya 18: Itangwa ry'icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa**

Urwego rubishinzwe rutanga icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa bitarenze iminsi mirongo cyenda (90) uhereye igihe ibaruwa isaba kwandikwa yakiriwe.

Imiterere n'imitangire y'icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa ry' umuryango ushingiye ku idini bigenwa n'urwego rubishinzwe.

Iyo urwego rubishinzwe rwanze gutanga icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa, rugomba kubimenyesha mu nyandiko, uhagarariye umuryango ushingiye ku idini mu gihe cy'iminsi (60) uhereye igihe ibaruwa isaba kwandikwa yakiriweho, kandi rugaragaza impamvu rwashingiyeho rwanga gutanga icyemezo.

**Ingingo ya 19: Impamvu zo kudatanga icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa**

Impamvu zo kudatanga icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa ry' umuryango ushingiye ku idini ni izi zikurikira:

1° kuba utujuje ibisabwa mu iyandikwa biteganywa n'iri tegeko;

2° kuba hari ibimenyetso bigaragaza ko

dissolution of the religious-based organisation.

**Article 18: Issue of a temporary registration certificate**

The competent authority shall issue a temporary registration certificate within a period not exceeding ninety (90) days from the date of the receipt of the application letter for registration.

The format and issuing terms of the temporary certificate for registration to a religious -based organisation shall be set by the competent authority.

Where the competent authority refuses to issue a temporary registration certificate, it shall notify the legal representative of the concerned religious-based organisation in writing within sixty (60) days from the date of the receipt of the application letter for registration, stating the reasons for such a refusal.

**Article 19: Reasons for refusing to issue a temporary registration certificate**

Reasons for refusing to issue a temporary registration certificate to a religious-based organisation shall be the following:

1° failure to fulfil requirements for registration prescribed in this Law;

2° convincing evidences that the

cas de dissolution de l'organisation fondée sur la religion.

**Article 18: Octroi du certificat temporaire d'enregistrement**

L'organe habilité délivre le certificat temporaire d'enregistrement dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt dix (90) jours à compter de la date de réception de la lettre de demande d'enregistrement.

La forme et les conditions de l'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation fondée sur la religion sont déterminées par l'organe habilité.

Lorsque l'organe habilité refuse d'accorder le certificat temporaire d'enregistrement, il est tenu de notifier cette décision par écrit, au représentant légal de l'organisation fondée sur la religion dans un délai de (60) jours à compter de la date de réception de la lettre de demande d'enregistrement , en justifiant les raisons d'un tel refus.

**Article 19 : Motifs de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement**

Les motifs de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation fondée sur la religion sont les suivants :

1° la non-satisfaction des conditions d'enregistrement prescrites par la présente loi;

2° l'existence des preuves convaincantes que

wahungabanya umutekano, ituze, ubuzima, imyitwarire myiza n'uburenganzira bwa muntu.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Kuregera kwangirwa icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa**

Kwangirwa icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa bishobora kuregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha n'uhagarariye umuryango ushingiye ku idini, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) abimenyeshejwe.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Gusaba ubuzimagatozi**

Kugira ngo umuryango ushingiye ku idini uhabwe ubuzimagatozi ugomba kwandikira ibaruwa urwego rubishinzwe iherekejwe na kopi y'icyemezo cy'agateganyo cy'iyandikwa.

**<u>Ingingo ya 22:</u> Gutanga ubuzimagatozi**

Umuryango ushingiye ku idini uhabwa ubuzimagatozi n'urwego rubishinzwe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe ibaruwa isaba ubuzimagatozi yakiriweho.

organisation applying for registration may jeopardize security, public order, health, morals and human rights.

**<u>Article 20</u>: Filing a case against the decision of refusal to issue a temporary registration certificate**

The legal representative of a religious-based organisation may file a case to the competent court against the decision of refusing to issue a temporary registration certificate within thirty (30) days from the date of the receipt of the notice of such a decision.

**<u>Article 21</u>: Application for legal personality**

In order for a religious-based organisation to be issued with the legal personality, it shall address an appliction letter to the competent authority. The appliction letter shall be accompanied with a copy of the temporary registration certificate.

**<u>Article 22</u>: Granting the legal personality**

The competent authority shall grant the legal personality to a religious-based organisation within a period not exceeding sixty (60) days from the date of the receipt of the application letter for legal personality.

l'organisation requérante peut compromettre la sécurité, l'ordre public, la santé, la morale et les droits de la personne.

**<u>Article 20</u> : Recours contre la décision de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement**

Le représentant légal d'une organisation fondée sur la religion peut attaquer devant la juridiction compétente la décision de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception de la notification de la décision.

**<u>Article 21</u>: Demande de personnalité juridique**

Pour obtenir la personnalité juridique, une organisation fondée sur la religion adresse une lettre de demande à l'organe habilité. Cette lettre doit être accompagnée d'une copie du certificat temporaire d'enregistrement.

**<u>Article 22</u> : Octroi de la personnalité juridique**

L'organe habilité accorde la personnalité juridique à une organisation fondée sur la religion dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours à compter de la date de réception de la lettre de demande de la personnalité juridique.

**Ingingo ya 23: Kudatanga ubuzimagatozi**

Iyo urwego rubishinzwe rwanze gutanga ubuzimagatozi, rugomba kubimenyesha mu nyandiko uhagarariye umuryango ushingiye ku idini mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe ibaruwa isaba ubuzimagatozi yakiriwe kandi rugaragaza impamvu rwashingiyeho rwanga gutanga ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 24: Impamvu zo kudatanga ubuzimagatozi**

Impamvu zituma ubuzimagatozi budatangwa ni izi zikurikira:

1° iyo hatubahirijwe ibisabwa mu ngingo ya 21 y'iri tegeko;
2° iyo hari ibimenyetso bifatika bigaragaza ko umuryango ushingiye ku idini usaba ubuzimagatozi uhungabanya umutekano wa rubanda, ubuzima, imyitwarire myiza n'uburenganzira bwa muntu.

**Ingingo ya 25: Kuregera icyemezo cyo kwangirwa ubuzimagatozi**

Icyemezo cyo kudatanga ubuzimagatozi cyafashwe n'urwego rubishinzwe, gishobora kuregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe umuryango ushingiye ku idini wabimenyesherejwe.

**Article 23: Refusal to grant the legal personality**

Where the competent authority refuses to grant the legal personality, it shall notify the legal representative of the religious-based organisation in writing within sixty (60) days from the date of the receipt of the application letter for the legal personality, stating the reasons for such a refusal.

**Article 24: Reasons for refusal to grant the legal personality**

Reasons for refusal to grant the legal personality shall be the following**:**

1° failure to fulfil the requirements prescribed in Article 21 of this Law;
2° convincing evidences that the religious-based organisation applying for legal personality jeopardizes security, public order, health, morals and human rights.

**Article 25: Filing a case against the decision of refusal of granting the legal personality**

Any religious-based organisation may file a case to the competent court against the decision of refusing to grant the legal personality within a period not exceeding thirty (30) days from the date the organisation was notified of such a decision.

**Article 23 : Refus d'octroi de la personnalité juridique**

Lorsque l'organe habilité refuse d'accorder la personnalité juridique, il est tenu de notifier cette décision par écrit au représentant légal de l'organisation fondée sur la religion dans un délai de soixante (60) jours à compter de la date de réception de la lettre de demande de personnalité juridique, en justifiant les raisons d'un tel refus.

**Article 24: Motifs de refus d'octroi de la personnalité juridique**

Les motifs de refus d'octroi de la personnalité juridique sont les suivants :

1° la non-satisfaction des conditions visées à l'article 21 de la présente loi;
2° l'existence des preuves convaincantes que l'organisation fondée sur la religion requérante compromet la sécurité et l'ordre public, la santé, la morale et les droits de la personne.

**Article 25: Recours contre la décision de refus d'octroi de la personnalité juridique**

La décision de refus d'octroi de la personnalité juridique par l'organe habilité peut être attaquée devant la juridiction compétente dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de réception de notification de la décision.

**Ingingo ya 26: Itangazwa ry'icyemezo cy'ubuzimagatozi n'amategeko agenga umuryango ushingiye ku idini**

Icyemezo gitanga ubuzimagatozi cy'umuryango ushingiye ku idini gitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Urwego rushinzwe kwandika imiryango ishingiye ku idini, kuyiha ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere yayo rugena uburyo amategeko n'izindi nyandiko by'umuryango ushingiye ku idini cyangwa ibyahindutse birebana n'amategeko yawo bitangazwa.

Iyo ibyahindutse bitaratangazwa ntibigira agaciro ku batari abanyamuryango.

**Ingingo ya 27: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahagararire umuryango ushingiye ku idini imbere y'amategeko**

Uhagarariye umuryango ushingiye ku idini mu buryo bwemewe n'amategeko agomba kuba:

1° ari inyangamugayo;
2° afite imyaka y'ubukure;
3° kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside, icy'ingengabitekerezo ya jenoside, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;
4° atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu

**Article 26: Publication of the decision granting the legal personality and the statutes of a religious-based organisation**

The decision granting the legal personality to a religious-based organisation shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

The authority in charge of registration of a religious-based organisation, granting the legal personality and monitoring of their functioning shall determine the modalities for publication of the statutes and other documents or changes of thereon.

Any change which is not yet published shall not have effect on non-members of the organisation.

**Article 27: Requirements to be legal representative of a religious-based organisation**

A legal representative of a religious-based organisation must:

1° be a person of integrity;
2° be of a majority age;
3° have not been sentenced for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and sectarianism;
4° have not been definitively sentenced to a main penalty of imprisonment of not less than six (6) months which is not crossed

**Article 26: Publication de la décision d'octroi de la personnalité juridique et des statuts d'une organisation fondée sur la religion**

La décision d'octroi de la personnalité juridique à une organisation fondée sur la religion est publiée dans le Journal Officiel de la République du Rwanda.

L'organe chargé de l'enregistrement des organisations fondées sur la religion, d'octroi de la personnalité juridique et du suivi de leur fonctionnement détermine les modalités de publication des statuts et d'autres textes ou modifications y relatives.

Toute modification qui n'est pas encore publiée, n'a aucun effet sur les non- membres de l'organisation.

**Article 27: Conditions pour être représentant légal d'une organisation fondée sur la religion**

Un représentant légal d'une organisation fondée sur la religion doit:

1° être une personne intègre ;
2° avoir atteint l'âge de la majorité ;
3° n'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination et de divisionnisme ;
4° n'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois qui n'a

kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa.

**UMUTWE WA III: GUKEMURA AMAKIMBIRANE**

**Ingingo ya 28: Gukemura amakimbirane**

Amakimbirane yose mu muryango ushingiye ku idini agomba gushakirwa uburyo bwo kuyakemura mu bwumvikane.
Iyo abagize umuryango ushingiye ku idini badashoboye gukemura amakimbirane mu bwumvikane, witabaza urwego rushinzwe gukemura amakimbirane ruvugwa mu ngingo ya 17 y'iri tegeko.

Iyo urwo rwego runaniwe gukemura amakimbirane mu bwumvikane, abafitanye ikibazo bashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA IV: GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIRYANGO ISHINGIYE KU IDINI**

**Ingingo ya 29: Gukurikirana ibikorwa by'umuryango ushingiye ku idini**

Gukurikirana ibikorwa by'umuryango ushingiye ku idini bikorwa n'urwego rubishinzwe, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 32 y'iri tegeko, hagamijwe guteza imbere gukorera mu mucyo n'iyubahirizwa ry'inshingano.

by amnesty or rehabilitation.

**CHAPTER III: CONFLICT RESOLUTION**

**Article 28: Conflict resolution**

Any conflict within a religious-based organisation shall be settled amicably.

In case members of a religious-based organisation fail to settle conflicts amicably, the organisation shall refer to the organ in charge of conflict resolution provided for in Article 17 of this Law.

In case such organ fails to resolve the conflict amicably, the concerned parties may file the case to the competent court.

**CHAPTER IV: MONITORING OF THE FUNCTIONING OF RELIGIOUS-BASED ORGANISATIONS**

**Article 29: Monitoring of the activities of a religious-based organisation**

The competent authority shall monitor the activities of a religious-based organisation, in accordance with the provisions of Article 32 of this Law for the purpose of promoting transparency and accountability.

pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation.

**CHAPITRE III : RESOLUTION DES CONFLITS**

**Article 28 : Résolution des conflits**

Tout conflit qui surgit au sein d'une organisation fondée sur la religion doit faire l'objet d'un règlement à l'amiable.
A défaut de règlement amiable entre les membres d'une organisation fondée sur la religion, le litige est soumis à l'organe de résolution des conflits visé à l'article 17 de la présente loi.

A défaut de règlement amiable par cet organe, les parties concernées peuvent porter le litige devant la juridiction compétente.

**CHAPITRE IV : SUIVI DU FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS FONDEES SUR LA RELIGION**

**Article 29: Suivi des activités d'une organisation fondée sur la religion**

Le suivi des activités d'une organisation fondée sur la religion est assuré par l'organe habilité conformément aux dispositions de l'article 32 de la présente loi, afin de promouvoir la transparence et la responsabilisation.

**Ingingo ya 30: Inkomoko y'inkunga itemewe n'amategeko**

Umuryango ushingiye ku idini ubujijwe kwakira inkunga iyo ari yo yose ifite inkomoko ku bantu cyangwa ku miryango irangwaho ubugizi bwa nabi.

Umuryango ushingiye ku idini utubahirije ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ukurikiranwa hakurikijwe amategeko y'inshinjabyaha.

**UMUTWEWAV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI**

**Ingingo ya 31: Uburenganzira bw' umuryango ushingiye ku idini**

Umuryango ushingiye ku idini ufite uburenganzira bukurikira:

1° gutanga ibitekerezo mu itegurwa rya politiki n'amategeko birebana n'ibikorwa by'imiryango ishingiye ku idini;

2° guharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu kimwe n'imyitwarire myiza y'abenegihugu;

3° kugirana ubufatanye cyangwa amasezerano n'indi miryango cyangwa inzego za Leta n'izigenga;

4° gusonerwa imisoro n'amahoro

**Article 30: Unlawful sources of property**

A religious-based organisation shall be prohibited from receiving any support from criminal organisations or individuals.

Any religious-based organisation which breaches the provisions of the first paragraph of this Article shall be subject to criminal proceedings.

**CHAPTER V: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF RELIGIOUS-BASED ORGANISATIONS**

**Article 31: Rights of a religious-based organisation**

A religious-based organisation shall have the following rights:

1° to put forward views in designing policies and legislation regarding activities of religious-based organisations;

2° to advocate for promotion and protection of human rights and national values;

3° to enter into partnership or conclude agreements with other organisations or private and public entities;

4° to enjoy tax exemption in accordance

**Article 30: Sources illégales du patrimoine**

Il est interdit à toute organisation fondée sur la religion de recevoir des subventions de quelque nature que ce soit des personnes physiques ou organisations criminelles.

Toute organisation fondée sur la religion qui ne respecte pas les dispositions de l'alinéa premier du présent article, fait objet de poursuites pénales.

**CHAPITRE V : DROITS ET OBLIGATIONS DES ORGANISATIONS FONDEES SUR LA RELIGION**

**Article 31 : Droits d'une organisation fondée sur la religion**

Toute organisation fondée sur la religion jouit des droits suivants :

1° donner des avis en rapport avec l'élaboration des politiques et des lois relatives au fonctionnement des organisations fondées sur la religion;

2° lutter pour la promotion et la protection des droits de la personne et des valeurs nationales ;

3° collaborer ou conclure des accords avec d'autres organisations ou entités tant publiques que privées;

4° bénéficier de l'exonération de taxes et

hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 32: Inshingano z'umuryango ushingiye ku idini**

Buri muryango ushingiye ku idini ufite inshingano zikurikira:

1° kugeza ku rwego rubishinzwe raporo y'ibikorwa y'umwaka urangiye na gahunda y'ibikorwa y'umwaka ukurikira mu buryo bugenwa n'urwego rubishinzwe;
2° kumenyesha urwego rubishinzwe impinduka zabaye mu bijyanye n'amategeko agenga umuryango ushingiye ku idini, uwuhagarariye imbere y'amategeko n'umusimbura iyo adahari hamwe n'icyicaro cyawo.

**Ingingo ya 33 : Gusabwa kwikosora**

Iyo urwego rubishinzwe nyuma yo gukurikirana ibikorwa bivugwa mu ngingo ya 29 y'iri tegeko rusanze umuryango ushingiye ku idini utubahirije inshingano zawo, ruwusaba kwikosora rukoresheje inyandiko.

**Ingingo ya 34: Guhagarika ibikorwa by'umuryango ushingiye ku idini**

Iyo bigaragaye ko ibikorwa by'umuryango ushingiye ku idini bihungabanya umutekano rusange n'uburenganzira bwa muntu, hashobora

with relevant laws.

**Article 32: Obligations of a religious-based organisation**

Any religious-based organisation shall have the following obligations:

1° to submit to the competent authority an annual activity report and its plan of action for the following year in accordance with conditions set by the competent authority;
2° to notify the competent authority any changes concerning the statutes governing the religious-based organisation, legal representative and his/her deputy and its head office.

**Article 33: Warning**

Where the competent authority is convinced that a religious-based organisation does not comply with its mission after the monitoring referred to in Article 29 of this Law, it shall address a warning letter to such a religious-based organisation.

**Article 34: Suspension of activities of a religious-based organisation**

In case there is evidence that the activities of a religious-based organisation jeopardise public order and human rights, the following measures

impôts conformément aux lois en la matière.

**Article 32 : Obligations d'une organisation fondée sur la religion**

Toute organisation fondée sur la religion a les obligations suivantes:

1° soumettre à l'organe habilité un rapport d'activités pour l'année précédente et un plan d'action pour l'année suivante selon les conditions arrêtées par l'organe habilité;

2° notifier à l'organe habilité des changements portant sur les statuts, le représentant légal et son suppléant ainsi que sur le siège social.

**Article 33 : Mise en garde**

Lorsque l'organe habilité constate, à la lumière du résultat du suivi visé à l'article 29 de la présente loi, que l'organisation fondée sur la religion a failli à sa mission, il lui adresse une mise en garde par écrit.

**Article 34 : Suspension des activités d'une organisation fondée sur la religion**

Lorsqu'il est constaté que les activités d'une organisation fondée sur la religion compromettent l'ordre public et les droits de la personne, les

gufatwa ibyemezo bikurikira:

1° Ubuyobozi bw'Akarere bushobora guhagarika by'agateganyo ibikorwa byawo;
2° Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo ubuyobozi bwawo;
3° Urukiko rubifitiye ububasha rushobora kandi gufata icyemezo cyo guhagarika burundu ibikorwaby' umuryango ushingiye ku idini hashingiwe ku buremere bw'icyaha cyakozwe. Icyo cyemezo, urukiko rukimenyesha umuryango ushingiye ku idini bireba, rubanda hamwe n'inzego za Leta bireba.

may be taken:

1° the District authority may suspend its activities;

2° the compentent court may decide to suspend its leaders;

3° the compentent court may also decide to terminate activities of any religious-based organisation in consideration of the gravity of the offence committed. Such a decision shall be communicated by the court to the concerned religious-based organisation, the general public and the concerned public Organs.

mesures suivantes peuvent être prises:

1° l'administration du District peut suspendre temporairement ses activités;

2° la juridiction compétente peut decider de la suspension temporaire de ses responsables;

3° la juridiction compétente peut également décider de la suspension définitive des activités d'une organisation fondée sur la religion compte tenu de la gravité de l'infraction commise. Cette décision est communiquée par la juridiction à l'organisation fondée sur la religion concernée, au public et aux organes publics concernés.

## UMUTWE WA VI: ISESWA RY'UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI

## CHAPTERVI: DISSOLUTION OF A RELIGIOUS BASED-ORGANISATION

## CHAPITRE: DISSOLUTION D'UNE ORGANISATION FONDEE SUR LA RELIGION

### Ingingo ya 35: Iseswa rikozwe n'urwego rukuru rw'umuryango ushingiye ku idini

Umuryango ushingiye ku idini ushobora guseswa iyo byemejwe n'urwego rukuru rwawo rushingiye ku mategeko awugenga, bikamenyeshwa urwego ruteganyijwe mu ngingo ya 14 y'iri tegeko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

### Article 35: Dissolution of a religious-based organisation by its supreme organ

A religious-based organisation may be dissolved upon decision by its supreme organ in accordance with its statutes, and shall inform the authority referred to in Article 14 of this Law in a period not exceeding thirty (30) days.

### Article 35: Dissolution d'une organisation fondée sur la religion par son organe suprême

Une organisation fondée sur la religion peut être dissoute par la décision de son organe suprême conformément à ses statuts et la notification est faite à l'organe visé à l'article 14 de la présente loi dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.

**Ingingo ya 36: Iseswa ry'umuryango ushingiye ku idini rikozwe n'urukiko**

Urukiko rubifitiye ububasha mu Rwanda, rumaze gusuzuma ikirego rwashyikirijwe n'ubushinjacyaha, rumaze kumva uregwa, rusesa umuryango ushingiye ku idini iyo byemejwe ko wishe amategeko, ubangamira umutekano rusange, ituze**,** ubuzima, imyitwarire cyangwa uburenganzira bwa muntu**.**

**Ingingo ya 37: Umutungo w'umuryango ushingiye ku idini nyuma y'uko useswa**

Iyo urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha rufashe icyemezo cyo kwambura ubuzimagatozi umuryango ushingiye ku idini, rugena umuntu umwe (1) cyangwa benshi bashinzwe gushyira mu bikorwa icyo cyemezo.

Iyo bamaze kwishyura imyenda no kurangiza amasezerano umuryango ushingiye ku idini wari wariyemeje, umutungo usagutse uhabwa uwateganyijwe mu mategeko agenga umuryango ushingiye ku idini. Iyo uwateganyijwe mu mategeko agenga umuryango ushingiye ku idini atakiriho cyangwa atagifite uburenganzira, umutungo usagutse uhabwa umuryango ushingiye ku idini bihuje imyemerere n'ibikorwa mu Rwanda.

**Article 36: Judicial dissolution of a religious-based organisation**

The competent court in Rwanda, after considering the case submitted to it by the public prosecution and after hearing the defendant, shall dissolve the religious-based organisation if it is convicted of breach of laws, security, public order, health, morals or human rights

**Article 37: Property of a religious-based organisation after its dissolution**

Where the competent Rwandan court decides to withdraw the legal personality from a religious-based organisation, it shall appoint one (1) or several persons to implement the decision.

After settling liabilities and executing the agreed contracts, the remaining assets shall be given to the person specified by the statutes of the religious-based organisation. In case the person specified by the statutes of the religious-based organisation is dead or no longer entitled to rights, the remaining assets shall be allocated to a religious-based organisation of the same belief and activities in Rwanda.

**Article 36: Dissolution judiciaire d'une organisation fondée sur la religion**

La juridiction compétente au Rwanda, après examen de la demande de l'organe national de poursuite et audition du défendeur, dissout l'organisation fondée sur la religion lorsqu'il est constaté qu'elle agit en violation des lois, trouble la sécurité, l'ordre public, la santé, la morale ou les droits de la personne.

**Article 37: Patrimoine d'une organisation fondée sur la religion après dissolution**

Lorsque la juridiction compétente au Rwanda décide de retirer la personnalité juridique à une organisation fondée sur la religion, elle désigne une (1) ou plusieurs personnes chargées de la mise en œuvre de cette décision.

Après apurement des dettes et des engagements de l'organisation fondée sur la religion, l'actif restant est attribué au bénéficiaire prévu dans ses statuts. Lorsque le bénéficiaire prévu dans les statuts de l'organisation fondée sur la religion est décédé ou n'a plus le droit d'être bénéficiaire, l'actif restant est dévolu à une autre organisation fondée sur la religion basée au Rwanda et ayant les doctrines et activités similaires.

**Ingingo ya 38: Kumenyekanisha iseswa ry'umuryango ushingiye ku idini no kwakira ibirego by'abo ubereyemo imyenda**

Iyo urukiko rubifitiye ububasha rwemeje ko umuryango ushingiye ku idini ugomba guseswa, itangazo rijyanye n'iseswa ryawo n'icyo umutungo usigaye uzakoreshwa nyuma yo kwishyura imyenda yose no kuzuza andi masezerano ritangazwa nibura mu minsi mirongo itandatu (60) mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Abafitiwe imyenda batigeze bimenyekanisha mu gihe cyagenwe kandi no mu buryo buteganyijwe n'iryo tangazo ntibemerewe kugira ikirego batanga nyuma basaba kwishyurwa mu mutungo w'umuryango ushingiye ku idini washeshwe.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 39: Amateraniro adasanzwe abera mu ruhame**

Iyo umuryango ushingiye ku idini ushaka gukoresha iteraniro ridasanzwe ribera mu ruhame usaba uburenganzira ubuyobozi bubifitiye ububasha. Igisubizo gitangwa mu nyandiko mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe ubuyobozi bwabimenyesherejwe.

**Article 38: Public notice for the dissolution of a religious-based organisation and claims by its creditors**

In case the competent court decides the dissolution of a religious-based organisation, the notice for the actual dissolution and allocation of remaining assets after settlement of all debts and complying with other contracts, shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda at least within sixty (60) days.

Creditors who fail to file claims within the prescribed period and in the manner specified in the notice are not allowed to initiate any subsequent action demanding for payment through assets of a dissolved religious-based organisation.

**CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 39: Special congregations in public**

In the event a religious-based organisation wishes to hold a special congregation in public, it shall prior request permission from the competent authorities. The response shall be delivered in writing in a period of fifteen (15) days from the date the authorities are notified.

**Article 38 : Avis de dissolution d'une organisation fondée sur la religion et l'action en justice de la part de ses créanciers**

En cas de décision de dissolution d'une organisation fondée sur la religion par la juridiction compétente, l'avis de publicité de dissolution et d'affectation de l'actif restant après apurement des dettes et d'autres engagements est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda dans un délai d'au moins soixante (60) jours.

Les créanciers qui n'ont pas réclamé leur dû dans les délais prescrits et dans les conditions spécifiées dans l'avis ne peuvent en aucun cas intenter une action en justice pour se faire rembourser sur l'actif d'une organisation fondée sur la religion dissoute.

**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 39 : Assemblées publiques extraordinaires**

Lorsqu'une organisation fondée sur la religion souhaite tenir une assemblée publique extraordinaire, elle requiert l'autorisation préalable de l'autorité compétente. La réponse est donnée dans un délai de quinze (15) jours à compter de la notification à l'autorité.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Kudasaba ubuzimagatozi bundi bushya**

Imiryango ishingiye ku idini isanzwe ifite ubuzimagatozi ntiyongera kubusaba.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Guhuza imikorere n'amategeko agenga umuryango ushingiye ku idini n'iri tegeko**

Imiryango ishingiye ku idini isanzweho igomba guhuza imikorere yayo n'amategeko ayigenga n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhereye ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 44</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**<u>Article 40</u>: Non re-application for the legal personality**

Religious-based organisations that were granted the legal personality shall not re-apply for it.

**<u>Article 41</u>: Harmonizing the functioning and statutes of a religious-based organisation with this Law**

All existing religious-based organisations must harmonize their functioning and statutes with this Law in a period not exceeding twelve (12) months from the date it is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**<u>Article 42</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 43</u>: Repealing provision**

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

**<u>Article 44</u>: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**<u>Article 40</u> : Non renouvellement de la demande de la personnalité juridique**

Les organisations fondées sur la religion déjà dotées de la personnalité juridique ne sont pas tenues de renouveler la demande.

**<u>Article 41</u>: Harmonisation du fonctionnement et des statuts d'une organisation fondée sur la religion avec la présente loi**

Les organisations fondées sur la religion existantes sont tenues d'harmoniser leur fonctionnement et statuts avec la présente loi dans un délai ne dépassant pas douze (12) mois à compter de la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**<u>Article 42</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 43</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 44</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **17/02/2012**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**

**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **17/02/2012**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**

**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **17/02/2012**

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**

**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux